

# GATIGISIMU

Scanned by CamScanner

Edition révisée 1990

Scanned by CamScanner

# GATIGISIMU

Scanned by CamScanner

# IJAMBO RY'IBANZE

Turahirwa cyane kuko twamenye Inkuru Nziza y'Imana iduhamagarira ubugingo bw'iteka, ikoresheje Umwana wayo Yezu Kristu. Aka gatabo ka gatigisimu kagamije kudufasha kumva neza iyo Nkuru Nziza ngo tuyikunde kurushaho, kandi tubeho dukurikije urugero n'inyigisho bya Yezu Kristu.

Na none tuzi ko igitabo kitumenyesha byimazeyo Yezu Kristu n'icyo Imana yakoze cyose kugira ngo igaragaze urukundo ifitiye abantu, ari Bibiliya, kandi icyo twakwita umutima wayo ni amavanjili uko ari 4 (ari yo bya bitabo by'Inkuru Nziza byanditswe na Matayo, Mariko, Luka na Yohani).

Buri cyumweru, mu Kiliziya babasomera amasomo ya Bibiliya, irya nyuma rigahora ari Ivanjili. Icyo gice cyitwa "Imihango yo guhimbaza Ijambo ry'Imana." Ayo masomo tugomba kuyumvana icyubahiro cyinshi, n'inyigisho ziyasobanura tukazumva twitonze cyane. Birakwiye rwose ko buri mukristu uzi gusoma yatunga nibura ibyo bitabo by'Isezerano Rishya, maze akajya abisomera imuhira.

Niba ari ibyo, umuntu yakwibaza ati "Igitabo cya gatigisimu kimaze iki?" Birumvikana ko gatigisimu idakura Bibiliya, ariko na yo ifite akamaro kanini cyane. Iyumvire!

Kuva kuri Yezu Kristu kugera kuri twebwe, hashize nk'imyaka 2.000. Muri icyo gihe cyose, Kiliziya ya Kristu yakomeje kwita ku butumwa yahawe bwo kwigisha abantu Inkuru Nziza, imurikiwe na Roho Mutagatifu. Abapapa, abepiskopi, abasaserdoti, abatagatifu, abahanga mu by'idini n'abandi bigisha iby'Imana bose, baratekerejе, barasenga, barigisha. Bashakaga uburyo bwabafasha gusobanura inyigisho za Yezu Kristu no gutoza abantu b'ibihe byose n'ibihugu byose, kuzikurikiza. Na n'ubu Kiliziya ihora ishaka kuzisobanurira abantu, yitaye ku bibazo biriho.



Scanned by CamScanner

Papa Yohani wa 23 yaravuze ati "Idini y'ukuri Yezu Kristu yigishije ntishobora guhinduka, tugomba kuyubaha. Nyamara tugomba kurushaho kuyumva no gushaka uko twayigisha ku buryo bwagirira akamaro abantu b'igihe turimo. Ukuri idini yacu yigisha ntigushobora guhinduka, ariko uburyo bwo kwigisha uko kuri bushobora guhinduka, bugatuma idini irushaho kwakirwa neza na bose."

Na gatigisimu ni cyo ishaka kugeraho kuko ari agatabo gakubiyemo amahame n'inyigisho z'ubukristu zigishwa hakurikijwe ibyo dukeneye n'ibyo twumva mu gihe turimo. Amahame n'amategeko dusanga muri gatigisimu ntibihinduka, ariko uburyo bwo kubivuga, rimwe na rimwe bugomba guhinduka; buri gihe ni ngombwa gushyikirana n'abantu twigisha, no gushaka uburyo bwiza bwo gusubiza gikristu ibibazo bibaza bitewe n'igihe barimo.

Amagambo amwe n'amwe y'iyi gatigisimu wenda azabatungura kuko muzasangamo ibibazo mutamenyereye. Bimwe na bimwe twarabyihoreye kuko twasanze atari ngombwa kubivuga. Nimwitonda mugatekereza, muzasanga ari idini musanzwe muzi y'ubukristu: amahame ni amwe, amategeko ni amwe, n'amasakramentu ni amwe. Ibyo Yezu Kristu yaduhishuriye byose, kandi na Kiliziya igahora ibitwigisha, ntibishobora guhinduka, kandi ntibiteze no guhinduka. Kuba twarahinduye ibisobanuro bimwe na bimwe nta cyo byica, ahubwo amahame, amategeko n'amasakramentu byavuzwe ku bundi buryo, buhuje n'Ivanjili, kandi burushijeho kwegerana n'imibereho y'abantu ya buri munsi. Indi mpamvu ni uko ubu buryo bushya burushije ubwa kera gusubiza ibibazo twibaza. Buzadufasha kurushaho kubaho gikristu muri iki gihe tugezemo, muri uru Rwanda rwatubyaye rukunda umuco w'umurage, kandi rwifuza gutera imbere mu majyambere y'ukuri.

Muzi ko Inama Nkuru ya Kiliziya (Konsili ya kabiri ya Vatikani) yazaniye Kiliziya yose ibyiza byinshi. Abepiskopi b'isi yose bari bateraniye iruhande rwa Papa, bambariza Imana hamwe, baziri



Scanned by CamScanner

kanira hamwe, bashakira hamwe uburyo bwo kumenyesha abantu b'iki gihe Ivanjili ya Yezu Kristu idahinduka, kugira ngo barushcho gusubiza ibibazo bishingiye ku byo abantu bifuza cyangwa bakeneye. Kubera ko Roho Mutagatifu yari kumwe na bo, Inama Nkuru ya Kiliziya yatumye turushaho kumva ubukristu bwacu. Iyi gatigisimu yagerageje, mu bibazo no mu bisubizo byayo, kubashyikiriza inyigisho z'ingenzi iyo Nama Nkuru ya Kiliziya yashatse ko twitaho. Zimwe ni nk'izi : Kiliziya igizwe n'imbaga y'Imana, - uburyo burushijeho gufasha abakristu gutura Igitambo cy'Ukaristiya, - uko tugomba kubanira kivandimwe abatari abakristu, - uko twarushaho kumvikana n'abavandimwe bari mu yandi madini, - n'ibindi byinshi. Murabona rwose ko ari ngombwa kubashyikiriza ibyo byiza byose twigishwa na Kiliziya muri iki gihe.

*Icyitonderwa :*

1. Muri iyi gatigisimu yose muzasanga ahagiye handitse amagambo yo mu Gitabo Gitagatifu. Ni amagambo abakristu bagomba gusubiramo kenshi ndetse bishobotse bakayafata mu mutwe. Ayo magambo yashyiriweho iki ? Ayo magambo yashyiriweho kugira ngo atwibutse ko inyigisho za Kiliziya ziri muri iyi gatigisimu zituruka ku byo Imana yaduhishuriye.

2. Kuri iki gihe hari ibitabo bishya byo kwigisha gatigisimu mu mashuri na za porogaramu nshya z'abigishwa. Ibyo bitabo bikwiranye n'imyaka y'abana n'ubumenyi bw'iby'ubukristu bagenda bageraho. Iyi gatigisimu ije kuzuza ibyo bitabo kuko irimo ibibazo n'ibisubizo bizajya byigwa n'abanyeshuri n'abigishwa. Muri ibyo byose bazajya bakurikiza imyaka abana bafite n'aho abigishwa bageze. Bazajya batoranyiriza abo bose ibibazo n'ibisubizo bibakwiye ; na none bazajya babanziriza ku birushije ibindi kuba ngombwa. Ubwo rero nibarangiza amashuri abanza, cyangwa ibice by'abigishwa, mu by'ukuri bazaba bazi iyo gatigisimu yose.



Scanned by CamScanner

3. Namwe, bakristu bakuze, basore n'inkumi, bagabo namwe bagore, iyi gatigisimu izabagirira akamaro cyane. Nimuyisome muyisubiremo, izabafasha gukurikira no kumva neza ibyo musoma muri Bibiliya n'inyigisho muhabwa n'abasaserdoti. Bityo rero namwe muzarusheho gufasha abana banyu biga mu mashuri.

Murabona rero ko iki gitabo cyandikiwe gufasha umukristu wese kubaho gikristu kuri iki gihe muri Kiliziya no kurushaho gukunda Imana n'abantu.

Imana idufashe kubigeraho.

*Abepiskopi bo mu Rwanda*



Scanned by CamScanner

# INTANGIRIRO

## 1. INKURU NZIZA Y'IMANA ITUGERAHO

*IJAMBO RY'IMANA: "Intangiriro y'Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, Umwana w'Imana" (Mk. 1,1).*

*"Nihasingizwe Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, Yo yadusakajemo imigisha yose ivubuka muri Roho, mu ijuru, ku bwa Kristu. Ni ko kudutora igiriye We nyine, mbere yo guhanga ibiriho byose, kugira ngo mu maso yayo tuzahore turi intungane n'indakemwa mu rukundo rwayo; nuko igena kuva kare ko tuzayibera abana yironkeye, tubiheshejwe na Yezu Kristu. Uko ni ko yabyishakiye ku buntu bwayo" (Ef. 1, 3-5).*

*"Imana imaze kubwira abasekuruza bacu kenshi no ku buryo bwinshi, ikoresheje abahanuzi, natwe muri iyi minsi turimo yatubwirishije Umwana wayo, ari We yageneye kwegurirwa byose, akaba ari na We yaremesheje ibintu byose iyo biva bikagera" (Heb. 1,1-2).*

**1 - Abakristu ni bantu ki?**

Abakristu ni abemera Yezu Kristu, bagakurikiza inyigisho ze, kandi bakaba baravutse bundi bushya ku bw'amazi na Roho Mutagatifu, cyangwa bari mu nzira yabyo.

**2 - Ese kuba abakristu bidufitiye akamaro?**

Yee, kuba abakristu bidufitiye akamaro koko, kuko ari ukwakira Inkuru Nziza y'Imana ikunda abantu bose ikanabahamagarira gusangira ubuzima bwayo ubuziraherezo.



Scanned by CamScanner

**3 - Imana ikunda abantu bose idufitiye mugambi ki?**

Imana ikunda abantu bose, idufitiye umugambi wo kutugira abana bayo muri Yezu Kristu, uduhuriza twese mu Bwami bwayo.

**4 - Imana yamenyesheje abantu Inkuru Nziza ite?**

Imana yamenyesheje abantu Inkuru Nziza ibabwirisha abahanuzi; ariko cyane cyane ibohereza Umwana wayo Yezu Kristu.

**5 - Yezu Kristu ni nde?**

Yezu Kristu ni Umwana w'Imana wigize umuntu, kugira ngo atumenyeshe byimazeyo Imana Data udukunda twese, kandi ngo nitumara kurangiza umurimo dushinzwe hano ku isi, azatugeze mu bugingo bw'iteka.

**6 - Ubu ni nde wamamaza Inkuru Nziza y'Imana?**

Ubu ni Kristu ubwe ukomeza kwamamaza Inkuru Nziza y'Imana akoresheje Kiliziya ye.



**7 - Bibiliya ni iki?**

Bibiliya ni Igitabo Gitagatifu cy'Ijambo ry'Imana; kirimo ibitabo by'Isezerano rya Kera n'Irishya.

**8 - Bibiliya yanditswe na nde?**

Bibiliya yanditswe n'Abahanuzi n'Intumwa, n'abandi bantu benshi b'Imana, bamurikiwe na Roho Mutagatifu.



Scanned by CamScanner

## IGICE CYA MBERE

### IMANA IRATWIMENYESHA IKANADUHAMAGARA

*IJAMBO RY'IMANA: "Koko Imana yakunze isi cyane, bigeza aho itanga Umwanya wayo w'ikinege, igira ngo umwe-mera wese adapfa nabi, ahubwo agire ubugingo bw'iteka. (Yh. 3,16).*

Umugambi w'Imana Data ushaka gukiza abantu bose, kandi akabahamagarira gusangira ubugingo bwe muri Kristu, ku bwa Roho Mutagatifu, akoresha Kiliziya ye.

---

### 2. IMANA IHORAHO

*IJAMBO RY'IMANA: "Nyir'ubutagatifu, Nyir'ubutagatifu, Nyir'ubutagatifu, ni Nyagasani Umushoborabyose, waho-zeho, kandi uhoraho, kandi uzaza" (Hish 4,8).*

**9 - Nemera Imana imwe bivuga iki?**

Nemera Imana imwe bivuga ko twemera rwose ko hariho Imana imwe rukumbi, yo Rukundo n'Isoko y'ubugingo, tukemera no kuyiyoboka igihe cyose.

**10 - Ese abantu bose bashobora kumenya Imana?**

Yee! Abantu bose bashobora kumenya Imana, bitegereza ibyo yaremye, kandi bumvira ijwi ry'umutimanama wabo. *(Reba Rom. 1, 19-20).*



Scanned by CamScanner

**11 - Ese abasekuruza bacu bari bazi byinshi byerekeye Imana?**

Yee! Abasekuruza bacu bari bazi byinshi byerekeye Imana, kuko bayitaga Rurema, Rugira cyangwa Iyakare, n'andi mazina meza. Ariko bari bataramenya Umwana wayo Yezu Kristu, We wohererejwe mu bantu kubahishurira no kubamenyesha byuzuye Imana Se n'urukundo rwe, kandi bari bataramenya Roho Mutagatifu uturuka ku Mana Data na Mwana.

*"Ntawigeze abona Imana na rimwe, Umwana w'ikinege uba muri Se, ni We wayimenyekanishije" (Yh 1,18).*

**12 - Ese abasekuruza bacu bashimishaga Imana?**

Yee! Abasekuruza bacu bashimishaga Imana, iyo bayikoreraga bakurikije umutimanama wabo. Nubwo batari babizi, biteguraga batyo kwakira Umukiza wabo Yezu Kristu.

*"Nuko Petero aterura agira ati "Noneho numvise mu by'ukuri ko Imana itarobanura, ahubwo inyurwa n'umuntu wa buri hanga iryo ari ryo ryose uyitinya kandi agaharanira ubutungane" (Intu. 10, 34-35).*

## 3. YAREMYE IJURU N'ISI.

*IJAMBO RY'IMANA: "Nyagasani, Mana yacu, ukwiriye guharirwa ikuzo, icyubahiro n'ububasha, kuko ari wowe waremye ibintu byose, washatse ko bibaho, maze biraremwa" Hish. 4,11).*



Scanned by CamScanner

*"Imana ireba ibyo yari imaze gukora byose isanga ari byiza rwose" (Intg. 1, 31).*

**13 - Impamvu twita Imana Rugira cyangwa Rurema ni iyihe?**

Twita Imana Rugira cyangwa Rurema kuko ishobora byose, yaremye byose, kandi ikabibeshaho.

**14 - Ese nk'uko Bibiliya ibivuga, umuntu asa n'Imana?**

Yee! Umuntu asa n'Imana koko, kuko Imana yamuremanye ubwenge n'urukundo ikamuha no kwigenga. Bityo ashobora kumenya no gukunda, nk'uko Imana ubwayo ibigenza, ariko Yo ni ku buryo buhebuje.

*"Nuko Imana irema Muntu mu ishusho ryayo, mu ishusho ry'Imana iramurema; ibarema ari umugabo n'umugore" (Intg. 1, 27).*

**15 - Umuntu azarushaho gusa n'Imana ate?**

Umuntu azarushaho gusa n'Imana, nahinduka agasa na Yezu Kristu, We Muntu wuzuye kuko ari ishusho rishyitse ry'Imana itagaragara.

*"Abo yamenye kuva kera, yanabugeneye guhabwa isura y'Umwana wayo" (Rom. 8, 29). "Ni we shusho ry'Imana itagaragara, umuvukambere ku cyitwa ikiremwa cyose" (Kol. 1, 15).*


**16 - Imanaituremera iki?**

Imana ituremera kuyibera abana bayo muri Yezu Kristu, kandi kugira ngo niturangiza umurimo dushinzwe hano ku isi, tuzasangire ubugingo bwayo ubuziraherezo.



Scanned by CamScanner

*"Imana ibaha umugisha, irababwira iti "Nimwororoke, mugwire, mukwire isi yose, muyitegeke. Mugenge ifi zo mu nyanja n'ibiguruka byo mu kirere, n'ikizima cyose kikurura ku butaka"! (Intg 1, 28)*



**17 - Impamvu ituma tugomba gukora ni iyihe?**

Tugomba gukora kugira ngo isi irusheho kuba nziza, n'abayituye barusheho gutera imbere, kandi ngo tuyerekeze ku Mana tubinyujije muri Yezu Kristu.

## B. Iremwa ry'ibitaboneka

*IJAMBO RY'IMANA: "Nuko Abamalayika bose bari bakikije intebe y'ubwami, hamwe na ba bakambwe na bya binyabuzima bine, bagwa bubitse uruhanga ku butaka imbere y'intebe y'ubwami, maze basenga Imana, bavuga bati 'Amen! ibisingizo, ikuzo, ubuhanga, ishimwe, icyubahiro, imbaraga n'ububasha, ni iby'Imana yacu, uko ibihe bizahora bisimburana iteka! Amen!' " (Hish. 7, 11-12).*



Scanned by CamScanner

**18 - Abamalayika ni iki?**

Abamalayika ni ibiremwa by'Imana bidafite umubiri, ariko bifite ubwenge n'ububasha bwinshi.

**19 - Abamalayika beza bakora iki?**

Abamalayika beza basingiza Imana, kandi bakatubwiriza gukora neza.

**20 - Abo twita amashitani ni ba nde?**

Amashitani ni abamalayika bitandukanyije n'Imana bakishyira mu byago bidashira.

**21 - Amashitani akora iki?**

Amashitani yanga Imana agashaka kudutandukanya na Yo, ariko ntashobora kutugusha mu cyaha tutabishatse.

## 4. ABANTU BOSE BAKENEYE GUCUNGURWA

**22 - Mbese Imana idutegeka kuyikunda no kuyumvira?**

Yee! Imana idutegeka kuyikunda no kuyumvira, ariko ntabwo ibiduhatira; bibaye bityo ntitwaba tukigenga, kandi urukundo rwacu n'ukumvira kwacu byaba bibaye ubusa.



Scanned by CamScanner

**23 - Mbese abantu bakomeje kuba incuti z'Imana?**

Oya! Abantu ntibakomeje kuba incuti z'Imana, kuko banze urukundo rwayo, baracumura.

**24 - Icyaha cy'inkomoko ni iki?**

Icyaha cy'inkomoko ni icyaha cyatangiriye ku babyeyi ba mbere, kiranga bene muntu twese; ni yo mpamvu gukunda Imana n'abavandimwe biturushya.

**25 - Igituma tuvuka turangwaho icyaha cy'inkomoko ni iki?**

Tuvuka turangwaho icyaha cy'inkomoko, kuko dufitanye isano n'ababyeyi ba mbere bitandukanyije n'Imana.

**26 - Ibyago byinshi n'amakuba tubona mu bantu biterwa n'iki?**

Ibyago byinshi n'amakuba tubona mu bantu biterwa n'impamvu nyinshi. Hari ubwo biterwa n'imimerere y'isi nk'inkuba, umutingito w'isi, imvura ikabije, n'ibindi; ariko kenshi biterwa n'intege nke z'abantu, ubwikanyize n'ubujiji byabo.

**27 - Ni kuki Imana ireka duhitamo rimwe na rimwe gukora ikibi?**

Imana ireka duhitamo rimwe na rimwe gukora ikibi, kuko ari Yo yaturemye twigenga, igashaka ko tuyikunda ku bwende bwacu.



Scanned by CamScanner

## 5. IMANA ITEGURA ABANTU KWAKIRA UMWANA WAYO
### "Isezerano rya Kera"

*"Igihe kandi (Muntu) yanze kumvira, akivutsa atyo ubucuti bwawe, ntabwo wamutereranye ngo ahere ku ngoyi y'urupfu, ahubwo wagobotse abantu bose ubitewe n'impuhwe zawe, ugira ngo abagushakashaka bajye bakubona. Ndetse aribyo kenshi wagiranye amasezerano n'abantu; maze ubigisha gutegereza Umukiza, ukoresheje abahanuzi" (Isengesho rikuru ry'Ukaristiya IV).*

**28 - Mbese Imana yatereranye abantu bamaze gucumura?**

Oya! Imana ntiyatereranye abantu bamaze gucumura, kuko itivuguruza ku mugambi wayo wo kudukirisha Umwana wayo Yezu Kristu.

**29 - Mbese umuntu wese ashobora gukizwa?**

Yee! Umuntu wese ashobora gukizwa, niba ashakashakana Imana umutima utaryarya, kandi akumvira ijwi ry'umutimanama, abifashijwemo n'urukundo rwayo.

**30 - Imana yabanje gukora iki, kugira ngo itegurire abantu kwakira Umwana wayo?**

Kugira ngo itegurire abantu kwakira Umwana wayo, Imana yabanje kwitorera umuryango w'Abayisiraheli, irawimenyesha maze ibasezeranya Umukiza.

**31 - Abrahamu ni muntu ki?**

Abrahamu ni umuntu watowe n'Imana kugira ngo abe sekuruza w'Abayisiraheli n'uwa-Kristu, kandi abe n'umukurambere w'abemera Imana bose.



Scanned by CamScanner



**32 - Imana yasezeranyije iki Abrahamu?**

Imana yasezeranyije Abrahamu, imubwira iti "Nzakugira umuryango munini, kandi imiryango yose y'isi izaguherwamo umugisha" *(Intg 12, 2-3).*

**33 - Umugisha Abrahamu yahawe wageze ku miryango yose ute?**

Umugisha Abrahamu yahawe wageze ku miryango yose, igihe Imana yoherereje abantu Umukiza yabasezeranyije, Umwana wayo Yezu Kristu.

**34 - Musa ni muntu ki?**

Musa ni umuntu watowe n'Imana, kugira ngo arusheho kumenyesha Abayisiraheli Imana imwe rukumbi, abavane mu bucakara, maze abayobore mu gihugu Imana yabasezeranyije.

*"Nuko Imana ibwira Musa iti 'NDI UHORAHO.' Irongera iti 'Uzabwire utyo Abayisiraheli, uti 'UHORAHO ni we ubatuyemo.' Imana yongera kubwira Musa, iti 'Uzabwire Abayisiraheli uti 'UHORAHO Imana y'abakurambere banyu, Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, Imana ya Yakobo, yabantumyeho.' Ngiryo izina ryanjye iteka ryose; nguko uko bazajya banyita banyambaza kuva mu gisekuru kugera mu kindi' " (Iyim 3, 14-15).*



Scanned by CamScanner



**35 - Pasika y'Abayisiraheli itwibutsa iki?**

Pasika y'Abayisiraheli itwibutsa ko Imana yaje gukiza umuryango wayo; yawukuye mu bucakara bw'Abanyamisiri, iwambutsa inyanja, maze iwuganisha mu gihugu yari yarawusezeranyije.

**36 - Isezerano rya Kera Imana yagiranye n'umuryango w'Abayisiraheli ni irihe?**

Isezerano rya Kera Imana yagiranye n'umuryango w'Abayisiraheli ni iri: "Nimukurikiza amategeko yanjye, nzababera Imana, namwe mumbere umuryango" *(Iyim 19, 6-7)*.

**37 - Dawudi ni muntu ki?**

Dawudi ni umuntu watowe n'Imana, aba umwami w'ikirangirire mu muryango w'Abayisiraheli, anawufasha kudahemuka ku Isezerano wari waragiranye n'Imana.



Scanned by CamScanner

### 38 - Imana yasezeranyije iki Dawudi?

Imana yasezeranyije Dawudi, imubwira iti "Mu rubyaro rwawe hazavuka Umukiza, azaba umwami w'ikirangirire kandi ingoma ye izahoraho iteka" *(2 Sam 7)*.

### 39 - Muri Bibiliya uwitwa umuhanuzi ni muntu ki?

Muri Bibiliya, uwitwa umuhanuzi ni umuntu watowe n'Imana, ngo yigishe abantu mu izina ryayo, kandi abafashe gukurikiza Isezerano n'amategeko yayo.

### 40 - Mbese umuryango w'Imana wakomeje Isezerano?

Oya! Umuryango w'Imana ntiwakomeje Isezerano; kenshi wibagiwe Imana usenga ibigirwamana, kandi usuzugura amategeko yayo ukora ibyaha.

### 41 - Byagendaga bite iyo umuryango w'Imana wahemukaga?

Iyo umuryango w'Imana wahemukaga, Imana ntiyawutereranaga, ahubwo yakomezaga kuwubabarira kugeza n'aho iwubwira iti "Nzabashyiramo umutima mushya, tuzagirana Isezerano rishya, nzashinga muri mwe Ubwami bwanjye"
*(Reba Ezk 34; 36,26; Yer 31,31)*.

### Uwo abahanuzi bavuze ko azaza ni nde?

Uwo abahanuzi bavuze ko azaza ni Umukiza ari we Yezu Kristu, uzaza gushinga Ingoma y'Imana ku isi.



Scanned by CamScanner

**Iby'ingenzi byahanuwe byerekeye Umucunguzi**

- *Natani ahanurira Dawudi muri aya magambo: "Mu rubyaro rwawe hazavuka Umukiza, azaba Umwami w'ikirangirire, kandi ingoma ye izahoraho iteka" (Sam 7,12).*

- *Izayi aravuga ati "Dore umukobwa w'isugi agiye gusama, akazabyara umuhungu, witwa Imana turi kumwe" (Iz 7,14).*

- *Indirimbo z'umugaragu w'Uhoraho zigaragaza ibabara rya Yezu: "Ni ibyago byacu yemeye gutwara, yashenjaguriwe ibyaha byacu. Inguma ze aba ari zo zitwomora" (Iz 53, 4-5).*

- *Umuhanuzi Daniyeli ahanura inkomoko y'Umukiza uzoherezwa, amubona "nk'Umwana w'umuntu uje ku bicu by'ijuru" (Reba Dan 7).*

**43 - Abumvaga abahanuzi bagenzaga bate?**

Abumvaga abahanuzi ntibagenzaga kimwe: bamwe ntibabyitagaho ahubwo bakabatoteza, abandi bakumva ko bagomba guhindura imitima yabo, ngo bakire neza Umukiza.

**44 - Ingoma y'Imana yahanuwe ni iyihe?**

Ingoma y'Imana yahanuwe ni iy'ubutungane, ubutabera, urukundo n'amahoro, Yezu Kristu azanira abantu bose.

**45 - Isezerano Rishya ryahanuwe ni irihe?**

Isezerano Rishya ryahanuwe ni Isezerano rishingiye ku rukundo Imana ifitiye abantu bose. Kristu ni we uryuzuza aduhuriza twese mu muryango we mushya.



Scanned by CamScanner

# 6. UMWANA W'IMANA YIGIRA UMUNTU
## "Isezerano Rishya"

*IJAMBO RY'IMANA: "Igihe cyagenwe kigeze, Imana yohereje Umwana wayo, avuka ku mugore, avuka agengwa n'amategeko, kugira ngo acungure abari bakigengwa n'amategeko, maze duhabwe kuba abana Imana yihitiyemo" (Gal. 4, 4-5).*

**46 - Nyina wa Yezu ni nde?**

Nyina wa Yezu ni Bikira Mariya.

**47 - Igituma Bikira Mariya yuzuye inema ni iki?**

Bikira Mariya yuzuye inema kuko atasamanywe icyaha, akaba nta n'icyaha bwite yigeze akora, kandi Imana yakomeje kumusenderezamo ubugingo bwayo.

> **Ndakuramutsa Mariya** *wuje inema, uhorana n'Imana, wahebuje abagore bose umugisha na Yezu Umwana wabyaye arasingizwa. Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amen.*

**48 - Igituma Bikira Mariya atasamanywe icyaha cy'inkomoko ni iki?**

Bikira Mariya ntiyasamanywe icyaha cy'inkomoko, kuko kuva kera kose yari yaratowe n'Imana, ngo azabe Nyina w'Umwana wayo Yezu.



Scanned by CamScanner

**49 - Ese Bikira Mariya yabonanye n'umugabo kugira ngo abyare Yezu?**

Oya! Bikira Mariya ntiyabonanye n'umugabo kugira ngo abyare Yezu, yasamye ku bubasha bwa Roho Mutagatifu.

*(Isubiramo)* **5. Yezu Kristu ni nde?**

Yezu Kristu ni Umwana w'Imana wigize umuntu, kugira ngo atumenyeshe byimazeyo Imana Data udukunda twese, kandi ngo nitumara kurangiza umurimo dushinzwe hano ku isi, azatugeze mu bugingo bw'iteka.

**50 - Igituma twita Bikira Mariya Umubyeyi w'Imana ni iki?**

Twita Bikira Mariya Umubyeyi w'Imana, kuko Umwana we Yezu ari Imana koko.



**51 - Yezu Kristu akomoka kuri nde?**

Yezu Kristu ni Umwana w'Imana, ariko ku bw'umuntu akomoka kuri Abrahamu na Dawudi, akabyarwa na Bikira Mariya.

**52 - Yezu Kristu yavukiye he?**

Yezu Kristu yavukiye muri Yudeya, i Betelehemu, umujyi wa sekuruza Dawudi.

**53 - Umunsi wa Noheli utwibutsa iki?**

Umunsi wa Noheli utwibutsa ivuka rya Yezu, ari we Emanuweli "Manaturikumwe".



Scanned by CamScanner

**54 - Umunsi w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani utwibutsa iki?**

Umunsi w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani utwibutsa ko Umukiza Imana yohereje, yigaragarije abantu b'ibihugu byose n'amoko yose.

*(Umunsi w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani = Epifaniya = Umunsi w'Abami).*

**55 - Yozefu Mutagatifu ni muntu ki?**

Yozefu Mutagatifu ni umuntu w'intungane watowe n'Imana, ngo abe umurezi wa Yezu n'umugabo w'indahinyuka wa Bikira Mariya.

**56 - Yezu yarerewe he?**

Yezu yarerewe i Nazareti mu Galileya, mu rugo rwa Yozefu na Mariya, maze akurana ubwitonzi n'igikundiro ku Mana no ku bantu *(Lk 2,52)*.

**57 - I Nazareti Yezu yakoze iki?**

I Nazareti Yezu yasangiye n'abantu ibyishimo n'imiruho yabo; uko yakoraga kandi asenga, ni ko yatagatifuzaga imibereho yacu ya buri munsi.

---

## 7. YEZU KRISTU YAMAMAZA HOSE INGOMA Y'IMANA

*IJAMBO RY'IMANA: "Nuko Yezu asubira mu Galileya yuzuye ububasha bwa Roho Mutagatifu, aba ikirangirire mu gihugu cyose" (Lk 4,14). "Yamamaza Inkuru Nziza y'Imana, avuga ati 'Igihe kirageze, none Ingoma y'Imana iregereje. Nimwisubireho maze mwemere Inkuru Nziza' " (Mk 1, 14-15).*



Scanned by CamScanner



**58 - Yezu ageze ku myaka mirongo itatu yakoze iki?**

Yezu ageze ku myaka mirongo itatu yatangiye kwamamaza Inkuru Nziza y'umukiro.

**59 - Yohani Batisita ni muntu ki?**

Yohani Batisita ni umuhanuzi uruta abandi. Yerekanye Yezu abwira rubanda ati "Dore Ntama w'Imana, dore ukiza ibyaha by'abantu" *(Yh 1,29)*.



**60 - Yezu yatangiye ate kwimenyesha abantu?**

Yezu yatangiye kwimenyesha abantu ahabwa batisimu na Yohani Batisita; nuko Roho Mutagatifu amumanukiraho, maze ijwi ry'Imana Data rirarangurura riti "Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane unyizihiye" *(Mt 3,17)*.



Scanned by CamScanner



**61 - Yezu yigaruriye imitima y'abantu ate?**

Yezu yigaruriye imitima y'abantu, agira neza aho anyuze hose.

**62 - Yezu yerekanye ate ko yatumwe n'Imana?**

Yezu yerekanye ko yatumwe n'Imana, arusha abandi kuyimenyekanya mu mibereho ye, mu nyigisho no mu bitangaza byinshi.

**63 - Iyo rubanda rwabonaga ibitangaza bya Yezu, rwavugaga iki?**

Iyo rubanda rwabonaga ibitangaza bya Yezu, rwaravugaga ruti "Umuhanuzi ukomeye yaduturutsemo, kandi Imana yasuye umuryango wayo" *(Lk 7,16)*.

**64 - Yezu yogezaga Inkuru Nziza y'umukiro mu yahe magambo?**

Yezu yogezaga Inkuru Nziza y'umukiro avuga ati "Ingoma y'Imana iregereje, nimwisubireho maze mwemere Inkuru Nziza" *(Mk 1, 14-16)*.

**65 - Iyo Nkuru Nziza y'umukiro ni iyihe?**

Inkuru Nziza y'umukiro ni Inkuru Nziza y'uko Imana ikunda abantu bose, yuzuza umugambi wayo, ibagira abana bayo muri Yezu Kristu ubahuriza bose mu bwami bwayo.



Scanned by CamScanner


## 66 - Itegeko rikomeye ry'Ubwami bw'Imana ni irihe?

Itegeko rikomeye ry'Ubwami bw'Imana ni iri: "Urajye ukunda Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose, n'ubwenge bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, kandi urajye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda" *(Mk 12, 30-31).*

*Yezu yaravuze ati "Nimujye mukundana, kandi mukundane nk'uko nabakunze" (Yh 13, 34).*

## 67 - Yezu afite ububasha bwo gukiza ibyaha koko?

Yee! Yezu afite ububasha bwo gukiza ibyaha koko, kuko ari Umwana w'Imana Nyir'impuhwe.



Yezu n'intumwa ze

## 68 - Impamvu Yezu yitoreye Intumwa cumi n'ebyiri ni iyihe?

Yezu yitoreye intumwa cumi n'ebyiri, kugira ngo zizabe abagabo bo guhamya amagambo ye n'ibikorwa bye, kandi zitegure gukomeza umurimo we.



Scanned by CamScanner

**Amagambo amwe n'amwe y'ingenzi ya Yezu:**

*1. YEZU NA SE*

*"Uwantumye turahorana, ntiyansize jyenyine, kuko mpora nkora ibimunyura" (Yh 8,29).*
*"Jye na Data turi umwe" (Yh 10, 30).*
*"Iyaba mwari munzi, na Data mwamumenya" (Yh 14, 7).*

*2. YEZU N'ABANTU*

*"Ni jye Nzira, n'Ukuri n'Ubugingo. Nta wugera kuri Data atanyuzeho" (Yh 14, 6).*
*"Ni jye mushumba mwiza; nzi intama zanjye, na zo zikamenya" (Yh 10, 14).*
*"Ndi urumuri rw'isi, unkurikira ntazagendera mu mwijima, ahubwo azatunga urumuri rw'ubugingo" (Yh 8, 12).*
*"Ni jye zuka n'ubugingo; unyemera, n'aho yaba yarapfuye, azabaho" (Yh 11, 25).*
*"Ndi umuzabibu, mwe mukaba amashami. Umbamo nanjye nkamubamo, yera imbuto nyinshi" (Yh 15, 5).*

**69 - Abayahudi bakiriye bate inyigisho za Yezu?**

Bamwe mu Bayahudi bakiranye ibyishimo n'umutima mwiza inyigisho za Yezu, abandi banangira umutima, ndetse bemeza kumwica.

**70 - Imibereho ya Yezu tuyimenya dute?**

Imibereho ya Yezu tuyimenyeshwa cyane cyane n'ibitabo bine by'Inkuru Nziza, ari byo twita Amavanjili, byanditswe na Matayo, Mariko, Luka na Yohani.



Scanned by CamScanner

# 8. YEZU ADUPFIRA AKAZUKANA IKUZO

*IJAMBO RY'IMANA : " Yicishije bugufi, yemera kumvira, ageza aho gupfa, urupfu ndetse rwo ku musaraba. Ni cyo cyatumye Imana imukuza, ikamuha izina risumbye ayandi yose, kugira ngo ku izina rya Yezu, bose bamupfukamire, haba mu ijuru, ku isi n'ikuzimu, kandi indimi zose zamamaze ko Yezu Kristu ari we Nyagasani, bigahesha ikuzo Imana Se" (Fil 2, 8-11).*


**A. Yabambwe ku musaraba ari twe agirira:**
**ku ngoma ya Ponsiyo Pilato**
**ni ho yababaye, arapfa maze arahambwa...**

**71 - Yezu yamenyesheje ate abigishwa be ko azababara?**

Yezu yamenyesheje abigishwa be ko azababara igihe yababwiraga ati "Umwana w'umuntu azegurirwa amaboko y'abagome, maze bamwice, ariko ku munsi wa gatatu azazuke" (Lk 18, 32).

**72 - Yezu bamwishe bate?**

Yezu amaze gutukwa, gukubitwa no kwambikwa ikamba ry'amahwa, yabambwe ku musaraba. Ngurwo urupfu yapfuye.





Scanned by CamScanner

**73 - Icyatumye Yezu yemera gupfira ku musaraba ni iki?**

Yezu yemeye gupfira ku musaraba, kugira ngo yuzuze ugushaka kwa Se ku buryo bunonosoye, kandi ngo agaragaze byimazeyo urukundo adukunda.

**74 - Igitambo Yezu yatuye Imana Se ku musaraba ni ikihe?**

Ku musaraba Yezu yituye Imana Se ho igitambo kidukiza ibyaha kikaturonkera ubugingo bw'iteka: ni cyo gitambo cy'Isezerano Rishya.

## B. Nuko ku munsi wa gatatu arazuka nk'uko byari byaranditswe



**75 - Imana Data yakujije ite Umwana wayo wayumviye kugeza gupfa?**

Imana Data yakujije Umwana wayo Yezu imuzura mu bapfuye ku munsi wa gatatu, ni muzima ubu n'iteka ryose. Amen! Alleluya!

**76 - Ku munsi wa Pasika duhimbaza iki?**

Ku munsi wa Pasika duhimbaza Kristu wapfuye akazuka: yamaze gutsinda urupfu, yinjira mu buzima bw'iteka, natwe adukura mu rupfu, ngo tuzagire uruhare ku bugingo bwe.



Scanned by CamScanner

**77 - Yezu wazutse yabonekeye ba nde?**

Yezu wazutse yabonekeye abigishwa be, abereka ku buryo bwinshi ko ari muzima koko, ababwira iby'Ingoma y'Imana.

**78 - Yezu wazutse yahaye Intumwa ze ubuhe butumwa?**

Yezu wazutse yabwiye Intumwa ze ati "Nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize mu izina ry'Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu" *(Mt 28, 19)*.

**79 - Pawulo Mutagatifu ni muntu ki?**

Pawulo Mutagatifu ni Intumwa ya Yezu wazutse, yitoreye kugira ngo yamamaze Inkuru Nziza mu mahanga.

**Icyemezo cya Pawulo Mutagatifu cyerekeye izuka rya Yezu:** "*Koko rero icya mbere cyo nabagejejeho, ni cyo nanjye nashyikirijwe: ko Kristu yapfuye azize ibyaha byacu, nk'uko byari byanditswe. Ko yahambwe, ko yazutse ku munsi wa gatatu, nk'uko byari byanditswe. Ko yabonekeye Kefasi, hanyuma akabonwa na ba Cumi na babiri. Hanyuma yongeye kubonwa n'abavandimwe magana atanu icyarimwe; abenshi muri bo baracyariho, abandi barapfuye. Hanyuma yabonekeye Yakobo, nyuma abonekera intumwa zose icyarimwe. Ubw'imperuka, nanjye arambonekera*" *(1 Kor 15,3-8)*.



Scanned by CamScanner

**80 - Umunsi mukuru wa Asensiyo utwibutsa iki?**

Umunsi mukuru wa Asensiyo utwibutsa ko Nyagasani Yezu wazutse yinjiye mu ikuzo ry'Imana Data.


**81 - Igituma twita Yezu Nyagasani cyangwa Umwami ni iki?**

Twita Yezu Nyagasani cyangwa Umwami kuko aho amariye kudu-cunguza amaraso ye, yinjiye mu ikuzo rya Se, akaba yarahawe ububasha bwose, mu ijuru no mu nsi, ku bazima no ku bapfuye

**82 - Mbese Nyagasani Yezu azaza mu ikuzo?**

Nta gushidikanya! Nyagasani Yezu azaza mu ikuzo ku munsi w'imperuka kuzura abapfuye, no gucira urubanza abantu bose, maze intungane azinjize mu Bwami bwe.

## 9. ROHO MUTAGATIFU



*IJAMBO RY'IMANA: "Bose buzuramo Roho Mutagatifu..." (Intu 2, 4).*



Scanned by CamScanner

**83 - Yezu yasezeranyije Intumwa ze Roho Mutagatifu mu yahe magambo?**

Yezu yabwiye Intumwa ze ati "Nzabohereza Roho Mutagatifu, azabibutsa ibyo nababwiye byose, kandi azabana namwe iteka" *(Yh 16,7; 14, 26, 16).*

**84 - Roho Mutagatifu ni nde?**

Roho Mutagatifu ni Imana, asangiye kamere n'Imana Data na Mwana.

**85 - Kuri Pentekosti duhimbaza iki?**

Kuri Pentekosti duhimbaza umunsi mukuru wa Roho Mutagatifu, Nyagasani Yezu yohereje Intumwa ze n'abamwemera bose.

**86 - Roho Mutagatifu udutuyemo atumarira iki?**

Roho Mutagatifu udutuyemo, atuma tugira ubugingo bw'Imana, akatubera urumuri rutwumvisha neza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, kandi akaduha imbaraga zo kuyikurikiza twishimye.

**Isengesho:** *Ngwino Mubyeyi w'abakene, ngwino Mugabyi w'ingabire, ngwino Rumuri rw'imitima. Wowe Rumuri rw'ihirwe ritavugwa, usendere mu nteko y'umutima w'abayoboke bawe.*

---

## 10. UBUTATU BUTAGATIFU

*IJAMBO RY'IMANA: "Inema y'Umwami wacu Yezu Kristu, n'urukundo rw'Imana Data, n'ubusabane kuri Roho Mutagatifu, bihorane namwe mwese" (2 Kor 13,13).*



Scanned by CamScanner

*(Isubiramo)* **9. Nemera Imana imwe bivuga iki?**

Nemera Imana imwe bivuga ko twemera rwose ko hariho Imana imwe rukumbi, yo Rukundo n'Isoko y'ubugingo, tukemera no kuyiyoboka igihe cyose.

**87 - Ihame ry'ingenzi Yezu yaduhishuriye ku Mana ni irihe?**

Yezu yaduhishuriye ko Imana ari urukundo, kandi ko Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu ari Imana imwe. Ni ryo yobera ry'Ubutatu Butagatifu.

**88 - Ubutatu Butagatifu bwatugaragarije bute urukundo budufitiye?**

Imana Data yatwohereje Mwana wigize umuntu, kugira ngo adukize; bombi batwoherereza Roho Mutagatifu, kugira ngo adutagatifuze.

**89 - Igituma dukora ikimenyetso cy'umusaraba ni iki?**

Dukora ikimenyetso cy'umusaraba, "Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu", kugira ngo duhamye ko twemera Ubutatu Butagatifu, n'iyobera ry'umusaraba wa Yezu Kristu.

**Isengesho:** *Hubahwe Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Uko bisanzwe iteka, bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amen.*



Scanned by CamScanner

# 11. KILIZIYA NI UMURYANGO MUSHYA W'IMANA

*(Isubiramo)* **3. Imana ikunda abantu bose, idufitiye mugambi ki?**

Imana ikunda abantu bose, idufitiye umugambi wo kutugira abana bayo muri Yezu Kristu, uduhuriza twese mu Bwami bwayo.

**90 - Umuryango w'Imana ni uwuhe?**

Umuryango w'Imana wabanje kuba imbaga y'Abayisiraheli. Ariko guhera kuri Yezu Kristu ni Kiliziya ye, kugeza igihe azahuriza intungane zose mu ikuzo ry'Imana Data.

**91 - Kiliziya ni iki?**

Kiliziya ni imbaga y'Imana n'umuryango w'abemera Kristu bose, Yezu ahuriza mu rukundo ku bwa Roho Mutagatifu akabayobora ku Mana Data.





Scanned by CamScanner

**92 - Inyigisho y'ingenzi yerekeye Kiliziya, Pawulo Mutagatifu atwigisha ni iyihe?**

Pawulo Mutagatifu atwigisha ko Kiliziya ari Umubiri wa Kristu: Kristu ni umutwe, tukaba ingingo *(Reba 1 Kor 12, 12-27)*.

**93 - Roho Mutagatifu amarira iki Kiliziya?**

Roho Mutagatifu amurikira Kiliziya, akayikomeza kandi akayitagatifuza.

**94 - Icyatumye Yezu ashinga Kiliziya ni iki?**

Yezu yashinze Kiliziya kugira ngo ikomeze kwamamaza Ingoma y'Imana mu bantu bose, ngo isingize Imana kandi itagatifuze abantu bose.

**95 - Igituma Kiliziya ya Kristu ari imwe ni iki?**

Kiliziya ni imwe kuko Roho Mutagatifu ayihurizamo abemera Kristu bose, bakavuka bundi bushya ku bwa batisimu.

**96 - Igituma Kiliziya ya Kristu ari Ntagatifu ni iki?**

Kiliziya ya Kristu ni Ntagatifu kuko Roho Mutagatifu ayituyemo, akayitagatifurizamo ababishaka bose.

**97 - Igituma Kiliziya ari Gatolika ni iki?**

Kiliziya ya Kristu ni Gatolika, kuko umukiro Imana yaduhereye muri Yezu Kristu ishaka ko ugera ku bantu b'ibihugu byose n'ibihe byose *(Reba 1 Tim 2, 3-4; Mt 28, 19)*.



Scanned by CamScanner

# 12. UMWANYA N'IMIRIMO BY'ABAYOBOKE BA KILIZIYA

*IJAMBO RY'IMANA : "Mu Kiliziya hari abo Imana yashyiriyeho ubwa mbere kuba intumwa, aba kabiri ibagira abahanuzi, aba gatatu abigisha. Hanyuma ikurikizaho abakora ibitangaza, abafite ingabire yo gukiza abarwayi, iyo gutabarana, iyo kuyobora n'iyo kuvuga mu ndimi" (1 Kor 12, 28).*

**98 - Umutware wa Kiliziya ni nde?**

Umutware wa Kiliziya ni Yezu ubwe.

**99 - Yezu yashinze Kiliziya ye kuri ba nde?**

Yezu yashinze Kiliziya ye ku Ntumwa cumi n'ebyiri, Petero Mutagatifu akaba umukuru wazo n'uwa Kiliziya yose. Yezu yaramubwiye ati "Uri urutare, kandi kuri urwo rutare, nzubakaho Kiliziya yanjye" *(Mt 16,18).*

**100 - Igituma Kiliziya ya Kristu ishingiye ku Ntumwa ni iki?**

Kiliziya ya Kristu ishingiye ku Ntumwa, kuko Nyagasani Yezu yayiragije Intumwa cumi n'ebyiri n'abazizunguye, Papa n'Abepiskopi.

**101 - Papa ni muntu ki?**

Papa ni igisonga cya Kristu, ni we uzungura Petero Mutagatifu, akaba umushumba wa Kiliziya yose.



Scanned by CamScanner

**102 - Abepiskopi ni bantu ki?**

Abepiskopi ni bo bazungura Intumwa, bakaba n'abashumba Kristu ashyiriraho kwigisha, gutagatifuza no kuyobora Kiliziya yose, bunze ubumwe na Papa; abenshi muri bo bashinzwe ubuyobozi bwa diyosezi.

**103 - Igituma Kiliziya idashobora kuyoba ni iki?**

Kiliziya ntishobora kuyoba kuko Roho Mutagatifu ayirinda kwibeshya igihe cyose itwigisha amahame y'Imana.

**104 - Inyigisho zitayoba za Kiliziya tuzimenyeshwa na nde?**

Inyigisho zitayoba za Kiliziya, tuzimenyeshwa na Papa, n'Abepiskopi bafatanyije na we.

**105 - Kiliziya ikura he inyigisho zayo?**

Kiliziya ikura inyigisho zayo mu byahishuwe n'Imana, isanga muri Bibiliya no mu ruhererekane rw'Intumwa.

**106 - Abasaserdoti ni bantu ki?**

Abasaserdoti ni abafasha b'imena b'Abepiskopi, batorerwa kwigisha, gutagatifuza no kuyobora imbaga y'Imana, bagaragara mu cyimbo cya Yezu Kristu, We Musaserdoti mukuru *(Reba Heb 8)*.



Scanned by CamScanner

**107 - Abadiyakoni ni bantu ki?**

Abadiyakoni ni abafasha b'Umwepiskopi n'Abasaserdoti mu kwigisha ijambo ry'Imana, mu kuyobora imihango mitagatifu no mu mirimo y'urukundo rwa kivandimwe.

**108 - Abalayiki ni bantu ki?**

Abalayiki ni ababatijwe bose, bagize imbaga y'Imana ariko batari mu nzego z'ubusaserdoti; bashinzwe kwamamaza Kristu mu magambo no mu ngero nziza batanga. Baharanira amajyambere y'ukuri y'iyi si, bamurikiwe n'Ivanjiri.

**109 - Abiyeguriyimana ni bantu ki?**

Abiyeguriyimana ni ababatijwe Imana ihamagarira kwiyegurira Kristu n'abavandimwe babo; basezerana ubumanzi, ukwikenesha n'ukumvira.

**110 - Ubutumwa bw'ingenzi bw'abiyeguriyimana ni ubuhe?**

Ubutumwa bw'ingenzi bw'abiyeguriyimana ni ukwerekana ku buryo bwihariye ko gukunda Imana n'abantu biruta byose, no kuba abahamya b'ibyiza by'ubugingo buzahoraho.

**111 - Mbese tugomba kugenzereza dute abakristu twatandukanye?**

Abakristu twatandukanye tugomba kubagenzereza kivandimwe, kuko dusangiye batisimu imwe, tukaba twizeye ko urukundo n'amasengesho byacu bizatuma twunga ubumwe bwuzuye, nk'uko Kristu abyifuza.



Scanned by CamScanner

**112 - Igituma tugomba kubaha abatari abakristu ni iki?**

Tugomba kubaha no kubanira neza abatari abakristu kuko na bo ari abana b'Imana, bakaba bakurikiza umutimanama wabo; ariko ntitugashidikanye kubamenyesha Inkuru Nziza, kuko na bo Kristu abahamagarira guhabwa ubugingo bw'Imana bwuzuye muri Kiliziya ye.

**113 - Abashinzwe umurimo wo kwamamaza Inkuru Nziza mu bantu ni ba nde?**

Abashinzwe umurimo wo kwamamaza Inkuru Nziza mu bantu ni ababatijwe bose, kuko abakristu bose ari intumwa kandi bose bunze ubumwe na Kristu. Ariko abari mu nzego z'ubusaserdoti bawushinzwe ku buryo bw'umwihariko.

---

## 13. URUSANGE RW'ABATAGATIFU


*"Muze tuzashobore guhabwa umurage hamwe n'intore zawe, mbere na mbere hamwe na Bikira Mariya Umubyeyi muhire w'Imana, n'Intumwa zawe ntagatifu n'abagupfiriye wagororeye ikuzo... n'abandi Batagatifu bose bakuduhakirwaho, tugahora twizigiye gufashwa na bo" (Isengesho rikuru ry'Ukaristiya III).*



Scanned by CamScanner

**114 - Urusange rw'Abatagatifu ni iki?**

Urusange rw'Abatagatifu ni isano abana b'Imana bose bafitanye kubera ubugingo bushya bw'Imana Data bahawe muri Yezu Kristu ku bwa Roho Mutagatifu.



**115 - Twunga ubumwe dute n'Abatagatifu bo mu ijuru?**

Twunga ubumwe n'Abatagatifu bo mu ijuru, tubisunga mu masengesho yacu, na bo bakadusabira ku Mana.



**116 - Bikira Mariya afite mwanya ki mu muryango w'Imana?**

Mu muryango w'Imana, Bikira Mariya ni uwa mbere mu bacunguwe. Ni Nyina wa Yezu, akaba n'Umubyeyi wa Kiliziya.

**117 - Igituma twubaha Bikira Mariya kuruta Abamalayika n'Abatagatifu bose ni iki?**

Twubaha Bikira Mariya kuruta Abamalayika n'Abatagatifu bose, kuko abarusha ubutungane n'icyubahiro. Ni Nyina wa Yezu, Umwana w'Imana, akaba n'Umubyeyi wacu.



Scanned by CamScanner

**118 - Twagenzereza dute abacu bapfuye?**

Abacu bapfuye tujye tubibuka kandi tububahe kuko tugifitanye isano mu rusange rw'Abatagatifu, tubafashishe amasengesho yacu kugira ngo Imana ibakire bidatinze mu ikuzo ryayo.



Scanned by CamScanner

# IGICE CYA KABIRI

## KWITABIRA UMUGAMBI W'IMANA

*IJAMBO RY'IMANA: "IMANA YAKUNZE ISI CYANE, BIGEZA AHO ITANGA UMWANA WAYO W'IKINEGE, IGIRA NGO UMWEMERA WESE ADAPFA NABI, AHUBWO AGIRE UBUGINGO BW'ITEKA" (Yh 3,16).*

*"Ngo bumve ayo magambo barakangarana, babaza Petero n'izindi Ntumwa bati 'Bavandimwe, DUKORE iki?' " (Intu 2, 37).*

## 14. "NIMWISUBIREHO MAZE MWEMERE INKURU NZIZA"

*(Isubiramo)* **6. Ubu ni nde wamamaza Inkuru Nziza y'Imana?**

Ubu ni Kristu ubwe ukomeza kwamamaza Inkuru Nziza y'Imana akoresheje Kiliziya ye.

**119 - Umaze kumva ijambo ry'Imana agenza ate?**

Umaze kumva ijambo ry'Imana, agomba kuryakirana umutima we wose, akaryemera, akihatira kurikurikiza, kuko Yezu yavuze ati "Hahirwa abumva ijambo ry'Imana bakarikurikiza" *(Lk 11,28).*

**120 - Kwemera Imana bivuga iki?**

Kwemera Imana ni ukuyiyegurira wakira ijambo ryayo nk'uko Kiliziya iritwigisha, kandi ukarihamya mu magambo no mu bikorwa.



Scanned by CamScanner

**Amahame y'ingenzi umukristu yemera:**

*"NEMERA IMANA IMWE,*
*Data ushobora byose, waremye ijuru n'isi, ibiboneka n'ibitaboneka.*
*Nemera na Nyagasani umwe Yezu Kristu, Umwana w'ikinege w'Imana. Mbere ya byose Imana Data yari isanzwe imubyaye: ni Imana ikomoka ku Mana, ni urumuri rukomoka ku rumuri. Ni Imana nyakuri ikomoka ku Mana nyakuri. Yarabyawe ntiyaremwe, asangiye kamere na Se; ni we byose bikesha kubaho. Icyatumye amanuka mu ijuru, ni twebwe abantu, no kugira ngo dukire. Yasamwe ku bwa Roho Mutagatifu, abyarwa na Bikira Mariya, nuko aba umuntu. Yabambwe ku musaraba, ari twe agirira: ku ngoma ya Ponsiyo Pilato ni ho yababaye, arapfa maze arahambwa. Nuko ku munsi wa gatatu arazuka nk'uko byari byaranditswe. Maze azamuka ajya mu ijuru, yicara iburyo bw'Imana Data. Kandi azagarukana ikuzo, gucira urubanza abazima n'abapfuye, ingoma ye izahoraho iteka.*
*Nemera na Roho Mutagatifu, Nyagasani utanga ubugingo uturuka ku Mana Data na Mwana. Arasengwa arasingizwa hamwe n'Imana Data na Mwana: ni we wabwiye abahanuzi ibyo bavuze.*
*Nemera na Kiliziya imwe, ntagatifu, gatolika, kandi ishingiye ku Ntumwa.*
*Ndahamya ko Batisimu ari imwe ikiza abantu ibyaha.*
*Kandi ntegereje izuka ry'abapfuye, n'ubugingo bwo mu gihehe kizaza. Amen".*



Scanned by CamScanner

**121 - Igituma ukwemera ari ingabire duhabwa n'Imana ni iki?**

Ukwemera ni ingabire duhabwa n'Imana, kuko ubwayo idushyiramo urumuri rwa Roho Mutagatifu. Bityo tukamenya Imana nk'uko yihishuriye muri Yezu Kristu, kandi tugaha agaciro ibiremwa byose dukurikije uko Umuremyi abishaka.

*Yezu ati "Nta wushobora kunsanga atabihawe na Data" (Yh 6,65).*

**122 - Umukristu yagenza ate ngo afashe abandi kwemera Yezu Kristu?**

Umukristu afasha abandi kwemera Yezu Kristu abamenyesha Inkuru Nziza mu mvugo no mu ngiro, atibagiwe ko mbere na mbere ari inema y'Imana ihindura imitima.

*Mutagatifu Yakobo ati "Bityo rero, n'ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye ubwako" (Yak 2,17).*

**123 - Twakomeza ukwemera kwacu dute?**

Twakomeza ukwemera kwacu twihatira kurushaho kumenya Yezu Kristu Umukiza wacu no gukurikiza Inkuru Nziza ye, dushishikarira inyigisho za Kiliziya, dusengana umwete, kandi duhabwa amasakaramentu kenshi, ariko cyane cyane dukurikiza umugenzo mwiza w'urukundo.

**124 - Duhemuka ku kwemera kwacu dute?**

Duhemuka ku kwemera kwacu dushidikanya nkana Ijambo ry'Imana n'ubuntu itugirira, cyangwa tutihatira kumenya no gutunganya ubukristu bwacu.



Scanned by CamScanner

## 15. UBUGINGO BUSHYA DUHERWA MURI YEZU KRISTU (Inema)


*IJAMBO RY'IMANA: "Uko Kristu yazuwe mu bapfuye n'ikuzo rya Data, bityo natwe tugendere mu bugingo bushya" (Rom 6,4). "Muhinduke muntu mushya waremwe uko Imana ibishaka mu budakemwa no mu butungane nyakuri" (Ef 4,24).*

**125 - Uwemera Yezu Kristu ahinduka ate umuntu mushya?**

Uwemera Yezu Kristu ahinduka umuntu mushya iyo azinutswe icyaha, maze ku bwa Roho Mutagatifu agahabwa ubugingo bushya bwa Kristu.

**126 - Ubugingo bushya bwa Yezu Kristu butumarira iki?**

Ubugingo bushya bwa Yezu Kristu butugira abana b'Imana, abavandimwe ba Yezu Kristu n'ingoro ya Roho Mutagatifu.



**127 - Nta kundi twita ubwo bugingo bushya?**

Ubwo bugingo bushya tubwita kandi imibereho y'Imana muri twe, cyangwa inema ntagatifuza.

*IJAMBO RY'IMANA: "Ndi umuzabibu, mwe mukaba amashami. Umbamo nanjye nkamubamo, yera imbuto nyinshi" (Yh 15,5).*



Scanned by CamScanner

**128 - Ubugingo bushya bukomezwa n'iki muri twe?**

Ubugingo bushya bukomezwa muri twe n'urukundo dukunda Imana n'abavandimwe, bukanakomezwa n'amasengesho n'amasakaramentu duhanwa ukwemera.

## 16. KRISTU ADUTAGATIFURISHA AMASAKARAMENTU YE

**129 - Amasakaramentu ni iki?**

Amasakaramentu ni ibimenyetso bitagatifu Kristu akoresha, kugira ngo adùtagatifuze muri Kiliziya ye.

**130 - Mu masakaramentu Kristu akora iki?**

Mu masakaramentu Kristu atagatifuza abantu, agakomeza Kiliziya ye, kandi agatuma dushobora gusingiza Imana ku buryo bukwiye.

**131 - Twahabwa neza amasakaramentu dute?**

Twahabwa neza amasakaramentu tuzirikana icyo dukora, kandi twemera dukomeje ingabire tuyakesha, kugira ngo turusheho gukunda Imana n'abantu.

**132 - Amasakaramentu uko ari arindwi ni ayahe?**

Amasakaramentu uko ari arindwi ni aya: Batisimu, Ugukomezwa, Ukaristiya, Penetensiya, Ugusigwa kw'abarwayi, Ubusaserdoti n'Ugushyingirwa.



Scanned by CamScanner

# 17. ISAKARAMENTU RYA BATISIMU



*IJAMBO RY'IMANA: "Nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu" (Mt 28, 19).*

**133 - Batisimu ni iki?**

Batisimu ni isakaramentu Kristu adukirizamo icyaha cy'inkomoko, n'ibyaha byacu bwite twakoze tutarabatizwa; akaduha ubugingo bushya bw'abana b'Imana muri Kiliziya ye.

**134 - Muri Batisimu niyemeza iki?**

Muri Batisimu niyemeza kwanga icyaha no gukurikiza Yezu Kristu mu mibereho yanjye yose.

**135 - Babatiza bate?**

Babatiza basuka amazi ku gahanga k'ubatizwa bavuga bati "Kanaka, jyewe ndakubatiza mu izina ry'Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu".



Scanned by CamScanner

**136 - Imirimo y'ababyeyi ba Batisimu ni iyihe?**

Ababyeyi ba Batisimu bagomba gufasha abana babo gukomeza amasezerano ya Batisimu bahawe, kandi bagafasha ababyeyi b'umubiri kubarera gikristu.

## 18. ISAKARAMENTU RY'UGUKOMEZWA

*IJAMBO RY'IMANA: "Bagezeyo, basabira Abanyasamariya kugira ngo bahabwe Roho Mutagatifu, kuko ari nta n'umwe muri bo yari yaramanukiyeho; bakaba bari barabatijwe gusa mū izina rya Nyagasani Yezu. Nuko Petero na Yohani babaramburiraho ibiganza, maze bahabwa Roho Mutagatifu" (Intu 8, 15-17).*

**137 - Ugukomezwa ni iki?**

Ugukomezwa ni isakaramentu Yezu wazutse aduheramo imbaraga zihariye za Roho Mutagatifu, zituma tubera Kristu abagabo mu bantu.

*(Isubiramo)* **86. Roho Mutagatifu udutuyemo atumarira iki?**

Roho Mutagatifu udutuyemo atuma tugira ubugingo bw'Imana, akatubera urumuri rutwumvisha neza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, kandi akaduha imbaraga zo kuyikurikiza twishimye.

**138 - Igituma abakristu bose bagomba kubera Kristu intumwa ni iki?**

Abakristu bose bagomba kubera Kristu intumwa, kuko bose bunze ubumwe na we, bakoherezwa nka we mu bantu, kandi bagahora bahabwa imbaraga za Roho Mutagatifu.

*Yezu ati "Nk'uko Data yantumye, nanjye ndabatumye" (Yh 20,21)*



Scanned by CamScanner

# 19. ISAKARAMENTU RY'UKARISTIYA

*IJAMBO RY'IMANA: "Mbere y'umunsi mukuru wa Pasika, Yezu amenye ko igihe cye cyo kuva kuri iyi si agasanga Se cyegereje, uko yagakunze abe bari mu nsi, abakunda byimazeyo" (Yh 13,1).*

## A. Uko Yezu yaremye Ukaristiya

### 139 - Yezu yaremye Ukaristiya ryari?

Yezu yaremye Ukaristiya ku wa Kane Mutagatifu, araye ari budupfire.



*Isaha imaze kugera ngo ahabwe ikuzo nawe, Dawe Nyir'ubutagatifu, kandi akaba yari akunze abe bari munsi, ubwe yashatse kubakunda byimazeyo; nuko nimugoroba basangira, afata umugati, agushimira awuvugiraho amagambo y'umugisha, arawumanyura, nuko awuhereza abigishwa be, avuga ati "Nimwakire, maze muryeho mwese: iki ngiki koko ni UMUBIRI wanjye ugiye kubatangirwa.". Nk'uko yari amaze kubigenza, afata inkongoro yuzuye divayi, arashimira, nuko ayihereza abigishwa be, avuga ati "Nimwakire, maze munyweho mwese: iyi ngiyi koko ni inkongoro y'AMARASO yanjye, y'Isezerano Rishya*



Scanned by CamScanner

*kandi rizahoraho iteka, agiye kumenerwa mwebwe n'abandi bose kugira ngo mugirirwe imbabazi z'ibyaha. Ibi mujye mubikora bibe urwibutso rwanjye'' (Isengesho rikuru ry'Ukaristiya IV).*

**140 - Ukaristiya ni iki?**

Ukaristiya ni isakaramentu ririmo Yezu Kristu ubwe rwose, n'umubiri we n'amaraso ye, mu bimenyetso by'umugati na divayi, akatubera icyarimwe igitambo, ifunguro n'incuti tubana.

**141 - Igihe Yezu yavugaga ati "Iki ngiki koko ni umubiri wanjye ugiye kubatangirwa, iyi ngiyi koko ni inkongoro y'amaraso yanjye agiye kumenerwa mwebwe", yakoze iki?**

Igihe Yezu yavugaga ati ''Iki ngiki koko ni Umubiri wanjye ugiye kubatangirwa, iyi ngiyi koko ni inkongoro y'amaraso yanjye agiye kumenerwa mwebwe'', yahinduye umugati na divayi umubiri we n'amaraso ye, yitura Se.

**142 - Igihe Yezu yavugaga ati "Ibi mujye mubikora bibe urwibutso rwanjye", yakoze iki?**

Igihe Yezu yavugaga ati ''Ibi mujye mubikora bibe urwibutso rwanjye'', yahaye Intumwa ze n'abazizungura ububasha bwo gutura umubiri we n'amaraso ye kugeza igihe azaza mu ikuzo.



Scanned by CamScanner

**143 - Icyatumye Yezu arema Ukaristiya ni iki?**

Yezu yaremye Ukaristiya kugira ngo twifatanye na We mu gitambo yatuye Se, twibuka kandi twamamaza urupfu rwe n'izuka rye, kandi ngo atubere ifunguro ry'ubugingo bw'iteka.

## B. Uko Kiliziya itura Igitambo cy'Ukaristiya

1. Misa ni uguhimbaza Ijambo ry'Imana no gutura Igitambo cy'Ukaristiya.

**144 - Misa ni iki?**

Misa ni ikoraniro rihebuje ry'abayoboke ba Kristu bakikije umusaserdoti, bateze amatwi Ijambo ry'Imana kandi batura Igitambo cy'Ukaristiya.

**145 - Ubumwe bwa Kristu na Kiliziya bugaragazwa n'iki mu misa?**

Ubumwe bwa Kristu na Kiliziya mu misa bugaragarira mu bayoboke bateranye mu izina rye, mu ijambo rye basoma mu Byanditswe Bitagatifu, mu musaserdoti ugaragara mu cyimbo cye, ariko cyane cyane ku buryo bw'umwihariko, mu mugati na divayi byahinduwe umubiri we n'amaraso ye.

**146 - Ibihe by'ingenzi bya misa ni bingahe?**

Ibihe by'ingenzi bya misa ni bibiri: igihe cyo guhimbaza Ijambo ry'Imana n'igihe cyo gutura Igitambo cy'Ukaristiya.



Scanned by CamScanner

**147 - Mu gihe cyo guhimbaza Ijambo ry'Imana dukora iki?**

Mu gihe cyo guhimbaza Ijambo ry'Imana, dutega amatwi Ibyanditswe Bitagatifu, tukemera gutungwa n'Ijambo ry'Imana.

*IJAMBO RY'IMANA: "Umuntu ntatungwa n'umugati gusa, ahubwo atungwa n'Ijambo ryose rivuye mu kanwa k'Imana" (Mt 4, 4).*

**148 - Mu gihe cyo gutura Igitambo cy'Ukaristiya dukora iki?**

Mu gihe cyo gutura Igitambo cy'Ukaristiya, hamwe n'umusaserdoti, twifatanya na Nyagasani Yezu witura Se ho igitambo.

*"Turamamaza urupfu rwawe, Nyagasani, tugahamya n'izuka ryawe, kugeza igihe uzaza mu ikuzo" (Isengesho rikuru ry'Ukaristiya).*

2. Misa, igitambo n'ifunguro.

*(Isubiramo)* **74. Igitambo Yezu yatuye Se ku musaraba ni ikihe?**

Ku musaraba Yezu yituye Imana Se ho igitambo kidukiza ibyaha kikaturonkera ubugingo bw'iteka: ni cyo gitambo cy'Isezerano Rishya.

**149 - Igituma igitambo cy'Ukaristiya ari kimwe n'igitambo cy'umusaraba ni iki?**

Igitambo cy'Ukaristiya ni kimwe n'igitambo cy'umusaraba, kuko kuri alitari kimwe no ku musaraba, ari Yezu Kristu ubwe witura Se ho igitambo, uretse ko ku musaraba Yezu yapfuye, kuri alitari akaba atagipfa.



Scanned by CamScanner

**150 - Igituma igitambo cya Yezu mu Misa ari icyacu natwe ni iki?**

Igitambo cya Yezu mu Misa ni icyacu natwe, kuko twese hamwe n'umusaserdoti, dutura umubiri n'amaraso bya Kristu, kandi twifatanyije na We, dutura imibereho yacu, imirimo y'abantu n'ibiremwa byose.

**151 - Mu isangira ritagatifu duhabwa nde?**

Mu isangira ritagatifu duhabwa umubiri wakujijwe wa Kristu, ulubera ifunguro ritubeshaho iteka.

*Yezu ati "Urya uyu mugati azabaho iteka ryose" (Yh 6, 58).*

**152 - Mu isangira ritagatifu Yezu akora iki muri twe?**

Mu isangira ritagatifu Yezu yifatanya natwe rwose, akatwunga n'abavandimwe bacu, akadukomezamo ubugingo bw'Imana, kugira ngo turusheho kurangiza neza ubutumwa bwacu mu bantu.

**153 - Mbese Yezu ari mu Ukaristiya?**

Nta gushidikanya! Yezu ari mu Ukaristiya rwose mu bimenyetso by'umugati na divayi, kandi agakomeza gusangira ikuzo na Se.

**154 - Twitegura dute guhabwa Ukaristiya ku buryo bukwiye?**

Twitegura guhabwa Ukaristiya ku buryo bukwiye, twicuza ibyaha byacu, tukanahabwa Penetensiya bibaye ngombwa kugira ngo tugire inema ntagatifuza, kandi tugatura Misa yose tubishyizeho umutima.



Scanned by CamScanner

# 20. NIMUBE INTUNGANE

*IJAMBO RY'IMANA : Mu by'ukuri ndiho, ariko si jye: Ni Kristu uriho muri jye... ...ndiho mu kwemera Umwana w'Imana wankunze, ubwe akigabiza urupfu ari jye agirira'' (Gal 2, 20).*

*''Dore icyo Imana ibashakaho: ni uko mwaba intungane'' (1 Tes 4, 3).*

**155 - Abo Yezu asezeranya ihirwe ry'Ubwami bw'ijuru ni ba nde?**

Abo Yezu asezeranya ihirwe ry'Ubwami bw'ijuru ni abakene ku mutima, abagira impuhwe, abatera amahoro, abakeye ku mutima.

> *''Hahirwa abakene ku mutima, kuko ingoma y'ijuru ari iyabo.*
> *Hahirwa abiyoroshya, kuko bazatunga isi ho umurage.*
> *Hahirwa ababaye, kuko bazahozwa.*
> *Hahirwa abasonzeye ubutungane bakabugirira inyota, kuko bazahazwa.*
> *Hahirwa abagira impuhwe, kuko bazazigirirwa.*
> *Hahirwa abakeye ku mutima, kuko bazabona Imana.*
> *Hahirwa abatera amahoro, kuko bazitwa abana b'Imana.*
> *Hahirwa abatotezwa bazira ubutungane, kuko Ingoma y'ijuru ari iyabo'' (Mt 5, 3-10).*



Scanned by CamScanner

## 156 - Tugomba kugenza dute kugira ngo tubeho nk'abana b'Imana?

Kugira ngo tubeho nk'abana b'Imana tugomba gukurikira Kristu buri munsi, twihatira kurushaho gusa na We dufashijwe n'ukwemera, ukwizera n'urukundo.

**Isengesho ryo kwemera.**

*Mana yanjye, nemera ibyo Kiliziya Gatolika yemera kandi yigisha, kuko yabibwiwe na We utabasha kuyoba no kutuyobya.*

**Isengesho ryo kwizera.**

*Mana yanjye, nizeye ko uzagirira Yezu Kristu ukampa inema zawe munsi, maze ninita ku mategeko yawe, ukazambeshaho iteka mu ijuru, kuko wabidusezeranyije kandi ukaba utica isezerano.*

**Isengesho ryo gukunda.**

*Mana yanjye, ndagukunda rwose, kuko nta we muhwanyije ubwiza, uhebuza byose gukundwa, kandi nkunda abandi uko nikunda ngiriye wowe.*

## 157 - Dukurikira Kristu dute?

Dukurikira Kristu dukomeza gitwari kujya mbere, haba mu byishimo cyangwa mu makuba bya buri munsi, tugakoresha neza ingabire twahawe mu mirimo dushinzwe, bityo tukarangiza muri byose ugushaka kw'Imana.



Scanned by CamScanner

*Yezu ati "Niba ushaka kugera mu bugingo, kurikiza amategeko" (Mt 19, 17).*

**Amategeko cumi y'Imana.**

1. *Urajye usenga Imana imwe gusa, uzabe ari yo ukunda gusa.*
2. *Ntuzarahire izina ry'Imana mu busa cyangwa mu binyoma.*
3. *Urajye utunganya umunsi w'Imana.*
4. *Urajye wubaha ababyeyi bawe.*
5. *Ntuzice.*
6. *Ntuzasambane.*
7. *Ntuzibe.*
8. *Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi.*
9. *Ntuzifuze umugore w'undi.*
10. *Ntuzifuze kwiba cyangwa kwangiza iby'abandi.*

*(Isubiramo)* **66. Itegeko rikomeye ry'Ubwami bw'Imana ni irihe?**

Itegeko rikomeye ry'Ubwami bw'Imana ni iri " Urajye ukunda Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose, n'ubwenge bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, kandi urajye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda" *(Mk 12, 30-31).*

**158 - Ni nde utuma dushobora gukunda Imana na mugenzi wacu uko Kristu yabidutegetse?**

Imana yonyine ni Yo ituma dushobora kuyikunda no gukunda mugenzi wacu uko Kristu yabidutegetse, kuko idusenderezamo urukundo rwayo iduha Roho Mutagatifu.



Scanned by CamScanner

# 21. IMYIFATIRE Y'ABANA B'IMANA

## Itegeko rya mbere, irya kabiri n'irya gatatu

*IJAMBO RY'IMANA: "Mwebweho rero, muzabe intungane nk'uko So wo mu ijuru ari intungane" (Mt 5, 48).*

### A. Gusenga Imana no kuyikunda kuruta byose

*Yezu ati "Igihe kiregereje, ndetse ngiki cyageze, maze abasenga by'ukuri bakazasengera Imana Data muri Roho no mu kuri, kuko abayisenga batyo ari bo Imana Data yikundira" (Yh 4, 23).*

**159 - Igituma tugomba gusenga Imana yonyine no kuyikunda kuruta byose ni iki?**

Tugomba gusenga Imana yonyine no kuyikunda kuruta byose, kuko ari Yo yaturemye kandi ikadukiza.

**160 - Dusenga Imana dute?**

Dusenga Imana tuyiha icyubahiro kiyikwiye, tuyemera, tuyizera, turangizanya urukundo amategeko yayo.

**161 - Gukunda Imana kuruta byose bivuga iki?**

Gukunda Imana kuruta byose bivuga kuyikunda kuruta ibiremwa byose, tukaba twahara byose, ndetse n'amagara yacu, aho kuyihemukira.



Scanned by CamScanner

**162 - Abantu bima Imana icyubahiro kiyikwiye bate?**

Abantu bima Imana icyubahiro kiyikwiye, bayituka, bayirahira mu binyoma, bakora imihango ya gipagani inyuranye n'ibyo yaduhishuriye, cyangwa bahinyura inyigisho n'imigenzereze ya gikristu.

## B. Isengesho ry'umukristu ry'umwihariko

*"Hanyuma abacira umugani, abumvisha ko ari ngombwa gusenga iteka batarambirwa" (Lk 18, 1).*

**163 - Iyo dusenga tubigenza dute?**

Iyo dusenga tuganira n'Imana nk'uko umwana aganira n'umubyeyi, ariko ibyo bigakorwa mu kwemera.

**164 - Igituma dushobora kuganira n'Imana nk'uko umwana aganira n'umubyeyi we ni iki?**

Dushobora kuganira n'Imana nk'uko umwana aganira n'umubyeyi we, kuko twunze ubumwe n'Umwana wayo Yezu Kristu, bityo natwe tukaba abana bayo koko.

**165 - Iyo dusenga tubwira iki Imana?**

Iyo dusenga dusingiza Imana tukayishimira, tukayisaba imbabazi z'ibyaha byacu, tukayisaba n'ibyo dukeneye byose.

*Yezu ati "Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye nzagikora" (Yh 14, 13).*



Scanned by CamScanner

**166 - Dukwiye gusenga Imana ryari?**

Dukwiye gusenga Imana igihe cyose tubishyizeho umutima, tukimenyereza kuvuga amasengesho buri munsi, nka mu gitondo na nimugoroba n'igihe dufungura, ariko cyane cyane mu bishuko no mu gihe bibaye ngombwa.

> *Nk'uko twabibwirijwe n'Umukiza, akanabidutegeka, kandi ubwe akabitwigisha, dutinyutse kuvuga tuti "DAWE URI MU IJURU, izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose, icyo ushaka gikorwe munsi nk'uko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none; utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho; ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago."*

## C. Isengesho rya Liturjiya

*IJAMBO RY'IMANA: "Abakristu ba mbere bashirikiraga ubute inyigisho z'Intumwa, bakanashishikarira amakoraniro rusange, imanyura ry'umugati n'amasengesho" (Intu 2, 42).*

**167 - Kuki tugomba gusengera hamwe n'abavandimwe bacu mu ikoraniro ry'abakristu??**

Tugomba gusengera hamwe n'abavandimwe bacu mu ikoraniro ry'abakristu, kuko Kristu ahorana na Kiliziya ye kugira ngo akuze Imana kandi akize abantu. Ni byo bita Liturjiya.



Scanned by CamScanner

**168 - Imihango y'ingenzi ya Liturjiya ni iyihe?**

Imihango y'ingenzi ya Liturjiya ni iyi: igitambo cy'Ukaristiya n'andi masakaramentu duhabwa, kimwe n'amasengesho yose ya Kiliziya; bityo muri Liturjiya tukifatanya na Yezu ukomeza gukuza Imana no kudukiza.

**169 - Umwaka wose umukristu ahimbaza ate amayobera y'imibereho ya Yezu?**

Umwaka wose umukristu yifatanya na Yezu azirikana amayobera n'icungurwa ryacu duhimbaza ku byumweru no ku minsi mikuru uko bikurikirana. Ni byo bita umwaka wa Liturjiya, utangirana na Adiventi.

### D. Umunsi wa Nyagasani

**170 - Umunsi wa Nyagasani dutegetswe gutagatifuza ni uwuhe?**

Umunsi wa Nyagasani dutegetswe gutagatifuza ni icyumweru, kuko ari wo munsi Nyagasani Yezu yazutseho.

**171 - Usibye icyumweru, nta yindi minsi mikuru dutegetswe gutagatifuza?**

Usibye icyumweru, indi minsi mikuru dutegetswe gutagatifuza ni iyi: Noheli, Asensiyo, Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya n'Umunsi w'Abatagatifu bose.



Scanned by CamScanner

- *Noheli: reba ikibazo 53.*
- *Icyumweru cya Pasika: reba ikibazo 76.*
- *Asensiyo: reba ikibazo 80.*
- *Icyumweru cya Pentekosti: reba ikibazo 85.*
- *Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya: reba ikibazo 235.*



**172 - Dutegetswe gutagatifuza dute icyumweru n'iminsi mikuru ikomeye?**

Ku cyumweru no ku minsi mikuru ikomeye dutegetswe gusenga Imana, tujya mu Misa, tukareka imirimo yose ituziga, kandi tukarushaho kubana kivandimwe. Kutabyitaho ni icyaha gikomeye.



Scanned by CamScanner

**173 - Abatashoboye kujya mu Misa ku munsi wa Nyagasani cyangwa ku minsi mikuru ikomeye, Kiliziya ibategeka iki?**

Abatashoboye kujya mu Misa ku munsi wa Nyagasani cyangwa ku minsi mikuru ikomeye, Kiliziya ibategeka gusengera hamwe muri seleburasiyo. Niba na byo bidashoboka, barusheho gusengera Imana mu rugo iwabo.

## E. Umukristu n'imigenzo ya kera

*(Isubiramo)* **11. Ese abasekuruza bacu bari bazi byinshi ku Mana?**

Yee! Abasekuruza bacu bari bazi byinshi ku Mana, kuko bayitaga Rurema, Rugira cyangwa Iyakare, n'andi mazina meza. Ariko bari bataramenya Umwana wayo Yezu Kristu, We woherejwe mu bantu kubamenyesha byuzuye Imana Se n'urukundo rwe.

*(Isubiramo)* **12. Ese abasekuruza bacu bashimishaga Imana?**

Yee! Abasekuruza bacu bashimishaga Imana, iyo bayikoreraga bakurikije umutimanama wabo. Nubwo batari babizi, biteguraga batyo kwakira Umukiza wabo Yezu Kristu.

**174 - Umukristu akwiye kumva ate imigenzo ya kera?**

Umukristu akwiye gukunda imigenzo ya kera, iyo ikomeza ubupfura bw'umutima, uburere bwiza n'ubwumvikane, ariko yirinde rwose imigenzo itagikwiriye uwahawe urumuri n'inyigisho bya Yezu Kristu.



Scanned by CamScanner

*(Isubiramo)* **118. Twagenzereza dute abacu bapfuye?**

Abacu bapfuye tujye tubibuka kandi tububahe kuko tugifitanye isano mu rusange rw'Abatagatifu, tubafashishe amasengesho yacu kugira ngo Imana ibakire bidatinze mu ikuzo ryayo.

**175 - Igituma tudakwiye gutinya abacu bapfuye ni iki?**

Abacu bapfuye ntidukwiye kubatinya cyangwa kubagirira imihango idahuje n'inyigisho z'ubukristu, kuko Yezu Kristu yaduhishuriye ko abari kumwe n'Imana nta kindi bashaka kitari ukutugirira neza; abatandukanye na Yo nta bubasha bafite bwo kudutera.

**176 - Ese kuraguza bifite akamaro?**

Oya! Kuraguza nta kamaro na gato bifite, kuko ari ukwibeshya wemera umuntu ukubwira ko afite ubwenge nk'ubw'Imana, ko azi ibitekerezo by'umutima w'abantu, ko azi guhishura ibihishe no gutanga intsinzi, kandi ari ibidashoboka ku muntu.

**177 - Igituma umukristu uraguza, cyane cyane uragura, aba akoze icyaha gikomeye ni iki?**

Umukristu uraguza, cyane cyane uragura, aba akoze icyaha gikomeye, kuko iyo agenza atyo, yemera gushukwa cyangwa gushuka abandi, ahimba abazimu n'abanzi. Ibyo byose ni uguhakana inyigisho za Yezu zerekeye imibereho y'umuntu amaze gupfa, bikica ukuri n'urukundo, bigakurura inzangano zikomeye kandi bikabuza kwiringira Imana no gusenga uko bikwiye.



Scanned by CamScanner

**178 - Igituma umukristu ukurikiza imihango n'imiziro idakwiye aba akoze icyaha ni iki?**

Umukristu ukurikiza imihango n'imiziro idakwiye aba akoze icyaha, kuko iyo agenza atyo, yibeshya ko ari bubone ihirwe cyangwa bikamurinda ibyago. Aho kwiringira ibidafite akamaro, akwiye kurebana ubwenge ibizamukiza koko, akirukira Imana ayizeye rwose.

**179 - Igituma umukristu ubanzwe cyangwa ubandishije, aba akoze icyaha gikomeye ni iki?**

Umukristu ubanzwe cyangwa ubandishije aba akoze icyaha gikomeye, kuko aba yiringiye kandi yiyeguriye Ryangombe, aho kwiringira no kwiyegurira rwose Yezu Kristu, We Mukiza rukumbi Imana yahaye abantu.

*(Isubiramo)* **26. Ibyago byinshi n'amakuba tubona mu bantu biterwa n'iki?**

Ibyago byinshi n'amakuba tubona mu bantu biterwa n'impamvu nyinshi. Hari ubwo biterwa n'imimerere y'isi, nk'inkuba, umutingito w'isi, imvura ikabije n'ibindi ; ariko kenshi biterwa n'intege nke z'abantu, ubwikanyize n'ubujiji byabo.

**180 - Mu byago twagenza dute?**

Mu byago ntitukinube cyangwa ngo twihebe, ahubwo tujye twiringira Imana twifatanya na Yezu Kristu wababaye, ariko kandi turwanye ubunebwe n'ubujiji, byo soko y'ibyago byinshi, kandi dushakane ubwenge n'ubushishozi ibyadukiza koko.



Scanned by CamScanner

# 22. KUBANA KIVANDIMWE

## Amategeko kuva ku rya kane kugeza ku rya cumi

### A. Gukunda mugenzi wawe

*Yezu ati "Nimujye mukundana, kandi mukundane nk'uko nabakunze. Icyo ni cyo kizamenyesha bose ko muri abigishwa banjye, nimugirirana urukundo" (Yh 13, 34-35).*

**181 - Mugenzi wanjye ni nde?**

Mugenzi wanjye si bene wacu gusa, ahubwo ni umuntu wese, cyane cyane unkeneye kandi nshobora kugirira neza.

**182 - Igituma tugomba gukunda abantu bose ni iki?**

Tugomba gukunda abantu bose, kuko bose baremwe basa n'Imana, bakaba n'abavandimwe bacunguwe na Yezu Kristu. Twese Imana iduhamagarira gufashanya ngo tugere ku majyambere y'ukuri no ku ihirwe ridashira.



**183 - Ese ngomba gukunda no kubabarira uwangiriye nabi?**

Yee! Ngomba gukunda no kubabarira uwangiriye nabi, nk'uko Imana itubabarira, kuko Yezu Kristu yatwigishije gusenga tuvuga tuti "Utubabarire ibicumuro byacu nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho."



Scanned by CamScanner

### B. Uko tugenzereza abo tubana (Itegeko rya kane)

**184 - Imana idutegeka kugenzereza dute ababyeyi?**

Imana idutegeka gukunda ababyeyi no kubumvira, kubafasha cyane cyane bashaje cyangwa bagize ibyago.

**185 - Imana itegeka ababyeyi kugenzereza bate abana babo?**

Imana itegeka ababyeyi gukunda abana babo no kubarera gi-kristu, kubitaho kuri roho no ku mubiri.

### C. Uko tugenzereza abategetsi n'igihugu (Itegeko rya 4)

**186 - Tugomba kugenzereza dute igihugu cyacu?**

Tugomba gufatanyiriza amajyambere y'igihugu cyacu no kugi-sabira. Tugomba kandi kubaha abategetsi n'amategeko atu-nganye baduha no kurangiza neza imirimo yose yubaka igihugu.

**187 - Abategetsi bagomba kugenzereza bate abo bashinzwe?**

Abategetsi bagomba kuyoborana abo bashinzwe ubutabera n'ubwitonzi, bakabageza ku majyambere y'ukuri. Bagomba rero kugirira bose akamaro, cyane cyane abaciye bugufi, birinda rwose uburyamirane n'ubwikanyize.

**188 - Mbese ngomba kumvira iteka no muri byose?**

Oya! Singomba kumvira iyo bantegetse gukora nabi; kuko ngomba kumvira Imana kuruta abantu *(Reba Intu 5, 29)*.



Scanned by CamScanner

## D. Uko twubaha ubuzima bwacu n'ubw'abandi (Itegeko rya 5, 6 n'irya 9)

*IJAMBO RY'IMANA : "Ubundi se ntimuzi ko umubiri wanyu ari ingoro ya Roho Mutagatifu ubatuyemo, kandi ukomoka ku Mana, maze mukaba nta bubasha mwifiteho? Mwacungujwe igiciro gihambaye! Nimusingirize rero Imana mu mubiri wanyu" (1 Kor 6, 19-20).*

**189 - Umurimo w'ingenzi dushinzwe muri bagenzi bacu ni uwuhe?**

Umurimo w'ingenzi dushinzwe muri bagenzi bacu ni ukubagirira neza uko dushoboye no kubafasha kujya mbere kuri roho no ku mubiri.

**190 - Umuntu yangiza ate ubugingo bwa roho y'undi?**

Umuntu yangiza ubugingo bwa roho y'undi amwoshya gukora icyaha, cyangwa amubera inkomyi yo kugenza gikristu.

**191 - Umuntu yangiza ate ubuzima bw'umubiri w'undi?**

Umuntu yangiza ubuzima bw'umubiri w'undi amwanga, cyangwa amugirira inzika, yanga kumufasha mu bukene bwe, amukubita, cyane cyane amwica amuziza akarengane.

**192 - Igituma tugomba kubaha umubiri wacu n'uw'abandi ni iki?**

Tugomba kubaha umubiri wacu n'uw'abandi, kuko umubiri ari ingabire y'Imana n'ingoro ya Roho Mutagatifu, kandi uzazukira ikuzo.



Scanned by CamScanner

**193 - Vuga bimwe mu byaha by'abakoresha nabi umubiri.?**

Bimwe mu byaha by'abakoresha nabi umubiri ni ibi: ubusambanyi, inda nini, ubusinzi n'ubunebwe, cyane cyane kwiyahura.

**194 - Kugira ngo tugumane ubumanzi tugomba kwirinda izihe ngeso?**

Kugira ngo tugumane ubumanzi tugomba kwirinda gusambana, kwikinisha, kwitegereza no kuganira ibidakwiye. n'ibindi byose bitwoshya gukora ibitera isoni.

**195 - Ese gutekereza nkana no kwifuza ibibi bidutesha ubumanzi?**

Yee! Gutekereza nkana no kwifuza ibibi bidutesha ubumanzi, kuko uwifuza ikibi aba yarangije kugikora mu mutima we.

## E. Uko dukoresha neza ibyo dutunze (Itegeko rya 7 n'irya 10)

**196 - Tugomba gukoresha dute ibyo Imana iduha?**

Ibintu Imana iduha tugomba kubikoreshereza amajyambere yacu n'ay'abandi.

**197 - Amajyambere y'ukuri ni ayahe?**

Amajyambere y'ukuri ni ay'umuntu wese no muri byose, atuma ashobora gukora no kwiga akurikije ubushobozi bwe, no kubaho mu mahoro adahagaritse umutima, cyane cyane ni atuma ashobora gukorera Imana na bagenzi be ku bwa Yezu Kristu.



Scanned by CamScanner

*(Isubiramo)* **17. Impamvu ituma tugomba gukora ni iyihe?**

Tugomba gukora kugira ngo isi irusheho kuba nziza, n'abayituye barusheho gutera imbere, kandi ngo tuyerekeze ku Mana tubinyujije muri Yezu Kristu.

**198 - Uburyo bubi bwo gushaka ibintu ni nk'ubuhe?**

Uburyo bubi bwo gushaka ibintu ni nk'ubu: kwiba no kwambura, kudahemba umukozi icyo akwiye, guhemberwa umurimo utakoze neza, guhuguza cyangwa guhenda mu bucuruzi, kurya ruswa no kunyereza umutungo, kudasubiza ibitari ibyacu no kutariha ibyo twangije n'ibindi...

## F. Kubaha ukuri (Itegeko rya 8)

*Yezu ati "Mujye muvuga 'Yego', niba ari yego, cyangwa 'Oya' niba ari oya; ibigeretseho bindi biba biturutse kuri Sekibi" (Mt 5, 37).*

**199 - Igituma abantu bafite uburenganzira bwo kubwirwa ukuri ni iki?**

Abantu bafite uburenganzira bwo kubwirwa ukuri, kuko ukuri no kudahemuka ari ngombwa rwose mu mubano nyawo.

**200 - Ni ryari amagambo yacu agira icyo atwara abandi?**

Amagambo yacu agira icyo atwara abandi, igihe cyose tubasebya, tubabeshyeye, tubazimuriye cyangwa tubakekeye ubusa Ni byo biteranya abantu.



Scanned by CamScanner

**Uwatse mugenzi we agaciro n'icyubahiro ategetswe iki?**

*Uwatse mugenzi we agaciro n'icyubahiro, ategetswe kwi-beshyuza cyangwa kwivuguruza avuga neza uwo yahemukiye, igihe bishoboka akamusaba imbabazi kandi akamwitwaraho.*

## 23. AMATEGEKO YA KILIZIYA

**201 - Igituma tugomba kumvira abashumba ba Kiliziya ni iki?**

Tugomba kumvira abashumba ba Kiliziya kuko Yezu yabwiye Intumwa ze ati "Ubumvira ni jye aba yumviye, ubasuzugura, ni jye aba asuzuguye" *(Lk 10, 16)*.

**202 - Amategeko ya Kiliziya atumarira iki?**

Amategeko ya Kiliziya adufasha kurushaho gukorera Imana, kuyi-kunda no gukunda bagenzi bacu.

**Amwe n'amwe mu mategeko ya Kiliziya**

- *Gutagatifuza icyumweru n'iminsi mikuru yategetswe (reba ibibazo 170, 171, 172, 173).*
- *Kwihana mu gihe cy'igisibo n'iya gatanu yose yo mu byu-mweru by'umwaka, cyane cyane ku wa gatanu mutagatifu.*



Scanned by CamScanner

- *Guhabwa Penetensiya y'ibyaha byose nibura rimwe mu mwaka ku bikomeye.*
- *Guhabwa Ukaristiya rimwe mu mwaka, bishobotse igihe cya Pasika.*
- *Gufasha Kiliziya mu byo ikeneye, buri wese uko yifite (nko gutanga ituro rya Kiliziya, n'imfashanyo ya Seminari).*

## 24. ICYAHA

*IJAMBO RY'IMANA : "Niba tuvuze tuti 'Nta cyaha tugira', tuba twibeshya ubwacu, nta kuri kuba kuturimo" (1 Yh 1, 8).*

**203 - Umuntu akora icyaha ate?**

Umuntu akora icyaha igihe yitandukanyije n'Imana, ayisuzugura, abizi neza kandi abishaka rwose.

**204 - Ese ibyaha byacu bigira icyo bitwara n'abandi?**

Yee! Ibyaha byacu bigira icyo bitwara n'abandi, kuko tubaha urugero rubi, ariko cyane cyane tugabanya urukundo rugomba kuduhuriza twese muri Kiliziya ya Kristu.

**205 - Bimera bite iyo umuntu asuzuguye Imana mu bikomeye abizi neza kandi abishaka rwose?**

Iyo umuntu asuzuguye Imana mu bikomeye abizi neza kandi abishaka rwose, aba yitandukanyije na Yo, ntabe agifite urukundo rwayo; ubwo akaba akoze icyaha gikomeye.



Scanned by CamScanner

**206 - Bimera bite iyo umuntu asuzuguye Imana mu byoroheje?**

Iyo umuntu asuzuguye Imana mu byoroheje, urukundo rwayo ruragabanuka muri we; ubwo akaba akoze icyaha gitoya.

**207 - Igituma tugomba kwanga icyaha ni iki?**

Tugomba kwanga icyaha kuko ari ugusuzugura Imana, Umubyeyi wacu, kandi kikagirira nabi abavandimwe bacu.

**208 - Uwacumuye agomba kugenza ate?**

Uwacumuye agomba kubabazwa n'ibyaha yakoze akabyicuza, agasaba imbabazi yiringiye Imana Nyir'impuhwe, kandi agahabwa Penetensiya bidatinze.

**Isengesho ryo kwicuza ibyaha** : *Nyagasani, ibyaha nakugiriye byose ndabyanze kuko binteranya nawe, bikadutandukanya ari wowe untunga ukandengera iteka, kandi ndabyangira ko byicishije Yezu Kristu Umwana wawe ukunda. Dawe ubinkize, sinshaka kubisubira, ndashaka kuba uwawe.*



Scanned by CamScanner

## 25. ISAKARAMENTU RYA PENETENSIYA

*IJAMBO RY'IMANA: "Izere, mwana wanjye, ibyaha byawe urabikijijwe" (Mt 9, 2).*

*(Isubiramo)* **67. Yezu afite ububasha bwo gukiza ibyaha koko?**

Yee! Yezu afite ububasha bwo gukiza ibyaha koko, kuko ari Umwana w'Imana Nyir'impuhwe.

**209 - Yezu wazutse akora iki mu isakaramentu rya Penetensiya?**

Mu isakaramentu rya Penetensiya, Yezu wazutse atubabarira ibyaha byacu, akatwongerera ubugingo bw'iteka, ndetse akabusubiza ababutaye, akaduha n'imbaraga zo kurwanya ikibi, akongera kuduhuza n'umuryango w'abakristu.

**210 - Yezu yahaye ryari Intumwa ze ububasha bwo gukiza ibyaha?**

Yezu yahaye Intumwa ze ububasha bwo gukiza ibyaha, igihe yazibwiraga ati "Nimwakire Roho Mutagatifu, abo muzakiza ibyaha bazaba babikijijwe, naho abo muzabirekera bazabigumana" *(Yh 20, 23)*

**211 - Ni bande Intumwa zasigiye ububasha bwo gukiza ibyaha?**

Intumwa zasigiye Abepiskopi n'Abasaserdoti ububasha bwo gukiza ibyaha mu izina rya Yezu.





Scanned by CamScanner

**212 - Kugira ngo tubone imbabazi z'ibyaha byacu mu isakaramentu rya Penetensiya, tugomba gukora iki?**

Kugira ngo tubone imbabazi z'ibyaha byacu mu isakaramentu rya Penetensiya, tugomba kubyicuza koko, kubyirega nta buryarya, kwigira inama yo kutazabisubira no kubitangira icyiru.

**Isengesho rivugwa n'umusaserdoti igihe atanga imbabazi z'Imana**

*Imana Data Nyir'impuhwe, ibigirishije urupfu n'izuka by'Umwana wayo, yiyunje n'isi, yohereza Roho Mutagatifu gukiza ibyaha, nawe nikugirire imbabazi, iguhe amahoro, ibikoresheje umurimo mutagatifu wa Kiliziya. Nanjye rero mu izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, ngukijije ibyaha byawe.*



Scanned by CamScanner

## 26. ISAKARAMENTU RY'UGUSIGWA KW'ABARWAYI

*IJAMBO RY'IMANA : "Mwaba se mwifitemo umurwayi? Nahamagare abakuru ba Kiliziya bamuvugireho amasengesho bamaze kumusiga amavuta mu izina rya Nyagasani. Isengesho rijyanye n'ukwemera rizakiza uwo murwayi: Nyagasani azamuzahura, kandi niba yarakoze ibyaha, abibabarirwe" (Yak 5, 14-15).*

**213 - Ugusigwa kw'abarwayi ni iki?**

Ugusigwa kw'abarwayi ni isakaramentu Yezu wazutse akirizamo abarwayi kuri roho ndetse rimwe na rimwe no ku mubiri.

**214 - Ugusigwa kw'abarwayi korohereza gute umurwayi?**

Ugusigwa kw'abarwayi gufasha umurwayi kwifatanya na Kristu wababaye kubera twe, kumufasha gutsinda ibishuko, kukamukiza ibyaha, kandi kukamuha kwakira atinuba ugushaka kw'Imana.

**215 - Tugomba gufasha abarwayi dute?**

Tugomba gufasha abarwayi tubitaho tubakunze, aho kubakoreraho imihango idakwiye abakristu; tujye tubajyana ku ivuriro, tubasabire, kandi tubatabarize umusaserdoti hakiri kare.

**216 - Kiliziya ifasha ite abarwayi barembye?**

Abarwayi barembye Kiliziya ibafasha ku buryo bwinshi, cyane cyane ibatabaza isakaramentu ry'imbabazi, isakaramentu ry'ugusigwa kw'abarwayi n'isakaramentu ry'Ukaristiya ibabera impamba n'ingwate yo kuzazukira ubugingo bw'iteka.



Scanned by CamScanner

# 27. ISAKARAMENTU RY'UGUSHYINGIRWA

*IJAMBO RY'IMANA: "Nuko Imana irema Muntu mu ishusho ryayo, mu ishusho ry'Imana iramurema, ibarema ari umugabo n'umugore" (Intg 1, 27).*
*"Nuko Uhoraho Imana aravuga ati "Si byiza ko umuntu aba wenyine, ngiye kumugenera umufasha bakwiranye" (Intg 2, 18).*
*"Ni cyo gituma umugabo asiga se na nyina akizirika ku mugore we, bakaba umubiri umwe" (Intg 2, 24).*
*"Bagabo nimukunde abagore banyu, nk'uko Kristu yakunze Kiliziya ye maze akayitangira. Iryo yobera rirakomeye, icyakora ndabivuga mbyerekeje kuri Kristu na Kiliziya" (Ef 5, 25. 32).*

**217 - Ugushyingirwa ni iki?**

Ugushyingirwa ni ubumwe umugabo n'umugore basezerana mu rukundo kugira ngo bafashanye mu mibereho yabo, kandi barere uko bikwiye abana Imana ibahaye. Ku bakristu, ayo masezerano yakirwa na Kiliziya, akaba isakaramentu ry'Ugushyingirwa.



**218 - Mu isakaramentu ry'ugushyingirwa Kristu akora iki?**

Mu isakaramentu ry'ugushyingirwa Kristu abanya umugabo n'umugore b'abakristu, kugira ngo abafashe kwitagatifuza mu byishimo no mu miruho y'abashakanye.

**219 - Isakaramentu ry'ugushyingirwa rishushanya iki?**

Isakaramentu ry'ugushyingirwa rishushanya ubumwe bwa Kristu na Kiliziya, ni cyo gituma abashakanye bagomba gukundana uko Kristu akunda Kiliziya ye.



Scanned by CamScanner

**220 - Imana itegeka iki abashakanye?**

Imana itegeka abashakanye gukundana no kubahana, kudahemukirana no kudashaka undi kugeza igihe umwe apfuye, no kurera abana babo gikristu.

**221 - Mbese ni bibi ko abashakanye batandukana?**

Yee! Ni bibi ko abashakanye batandukana kuko Yezu yavuze ati "Icyo Imana yafatanyije nta wushobora kugitandukanya", nk'uko na We ubwe adatandukana na Kiliziya ye *(Mt 19, 6)*.

*(Isubiramo)* **185. Imana itegeka ababyeyi kugenzereza bate abana babo?**

Imana itegeka ababyeyi gukunda abana babo no kubarera gikristu, kubitaho kuri roho no ku mubiri.

**222 - Abasore n'inkumi bitegura bate isakaramentu ry'ugushyingirwa?**

Abasore n'inkumi bitegura isakaramentu ry'ugushyingirwa birinda ingeso mbi, biyungura ubwenge n'umutima, kugira ngo bazashobore kubakana urugo nyarwo n'uwo bazihitiramo.

**223 - Abapfakazi n'imfubyi twabagenzereza dute?**

Abapfakazi n'imfubyi, bose tujye tubafashanya urukundo mu magorwa yabo, cyane cyane abo dufitanye isano cyangwa se abasigaye bonyine batakigira abo babana. Umuryango w'abakristu uzihatire kubabonera ibyo bakeneye, kandi ntihazagire ubajujubya, cyangwa ubanyaga imirima n'amatungo byabo.



Scanned by CamScanner

## 28. ISAKARAMENTU RY'UBUSASERDOTI



*INYIGISHO YA KILIZIYA: "Abasaserdoti, nubwo batari mu rwego rw'Abepiskopi, kandi mu mikoreshereze y'ububapiskopi, kandi mu mikoreshereze y'ububapiskopi, nyamara basha bagategekwa n'Abepiskopi, nyamara basangiye na bo icyubahiro cy'ubusaserdoti kandi, ku bw'isakaramentu ry'ubusaserdoti bahawe, kimwe na Kristu Umusaserdoti mukuru kandi uhoraho, bagenewe kwigisha Inkuzu Nziza, kuragira abayoboke b'Imana no gutura igitambo gitagatifu kuri alitari, abasaserdoti nyakuri b'Isezerano Rishya... bahamagariwe gukorera umuryango w'Imana."*

*"N'abadiyakoni baramburirwaho ibiganza, atari ukubagira abasaserdoti, ahubwo ari ukubagira abafasha b'umwihariko ba Kiliziya. Bakomezwa n'inema y'isakaramentu bahabwa, bakorera umuryango w'Imana, bashyize hamwe n'umwepiskopi n'abasaserdoti ku murimo wa Liturjiya, w'ijambo bigisha, w'urukundo rwa kivandimwe" (Rumuri rw'Amahanga 28 - 29).*

**224 - Mu isakaramentu ry'ubusaserdoti Yezu akora iki?**

Mu isakararnentu ry'ubusaserdoti Yezu atora abazungura Intuma, akabasigira kuba abashumba bakorera Kiliziya ye.

*(Isubiramo)* **102. Abepiskopi ni bantu ki?**

Abepiskopi ni bo bazungura Intumwa, bakaba n'abashumba Kristu ashyiriraho kwigisha, gutagatifuza no kuyobora Kiliziya yose, bunze ubumwe na Papa; abenshi muri bo bashinzwe ubuyobozi bwa diyosezi.



Scanned by CamScanner

*(Isubiramo)* **106. Abasaserdoti ni bantu ki?**

Abasaserdoti ni abafasha b'imena b'Abepiskopi, batorerwa kwigisha, gutagatifuza no kuyobora imbaga y'Imana, bagaragara mu cyimbo cya Yezu Kristu, We Musaserdoti mukuru *(reba Heb 8)*.

*(Isubiramo)* **107. Abadiyakoni ni bantu ki?**

Abadiyakoni ni abafasha b'umwepiskopi n'abasaserdoti mu kwigisha Ijambo ry'Imana, mu kuyobora imihango mitagatifu no mu mirimo y'urukundo rwa kivandimwe.

**225 - Imirimo y'imena y'umusaserdoti ni iyihe?**

Imirimo y'imena y'umusaserdoti ni iyi: kwigisha ivanjili, gutura igitambo cy'Ukaristiya, gutanga andi masakaramentu, no kubera abakristu umushumba; bityo Imana igasingizwa, n'abantu bakitagatifuza.

**226 - Mbese gutorerwa ubusaserdoti ni ubutore bukwiye kwitabwaho?**

Yee! Gutorerwa ubusaserdoti ni ubutore bukwiye kwitabwaho cyane, kuko umusaserdoti atumwa na Nyagasani ku bantu bose, kugira ngo abashyikirize amagambo y'Imana.

**227 - Mbese gusaba Imana ngo itugwirize abasaserdoti ni byiza?**

Yee! Gusaba Imana ngo itugwirize abasaserdoti ni byiza cyane, Yezu ubwe abitubwiriza agira ati "Imyaka yeze ni myinshi, ariko abasaruzi ni bake, nimusabe Nyir'imyaka yohereze abasaruzi mu mirima ye" *(Mt 9, 37-38)*.



Scanned by CamScanner

## 29. YEZU AZEGURIRA SE ISI NSHYA

*IJAMBO RY'IMANA: "Nuko rero igihe byose bizaba bimaze kumuyoboka, ubwo Mwana na we aziyegurira Se wamweguriye byose, kugira ngo Imana ibe byose muri bose" (1 Kor 15, 28). "Nuko mbona ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byarangiye" (Hish 21, 1).*

### A. Umukristu ahorana ukwizera

**228 - Igituma umukristu agomba guhorana ukwizera ni iki?**

Umukristu agomba guhorana ukwizera kuko azi ko Imana idahemuka ku masezerano yayo: umunsi umwe izaduha gusangira na Yo ihirwe ry'ijuru, kandi n'ubu iduha inema zidufasha kuzarigeramo.

### B. Amaherezo y'umuntu

*IJAMBO RY'IMANA: "Koko rero nsanga amagorwa y'igihe cy'ubu ngubu atagereranywa n'ikuzo rizatugaragarizwamo' (Rom 8, 18).*

**229 - Umukristu yakira ate ibimubabaza?**

Umukristu yakira ibimubabaza yifatanya n'ububabare bwa Kristu, abigirira umukiro we n'uw'abandi.



Scanned by CamScanner

**230 - Icyo twita ijuru ni iki?**

Icyo twita ijuru ni ukubaho kuzuye mu ikuzo n'ihirwe kw'abazukanye ubutungane, barangamiye Imana, bayireba uko imeze by'ukuri, bakaba basa na Yo, bayisingiza ubuziraherezo.

**231 - Icyo twita Purgatori ni iki?**

Icyo twita Purgatori ni isukurwa rya nyuma ry'umuntu upfanye urukundo rw'Imana, ariko adasukuye bihagije.

**232 - Icyo twita umuriro w'iteka ni iki?**

Icyo twita umuriro w'iteka ni ukubaho mu bubabare by'umuntu wanze urumuri rw'Imana n'imbabazi zayo kugeza apfuye, akitandukanya na Yo iteka ryose.

**233 - Iyo tumaze gupfa umubiri wacu uhinduka iki?**

Iyo tumaze gupfa umubiri wacu uhinduka igitaka, ariko ukazazuka ku munsi wa nyuma.

**234 - Mariya yakujijwe ate ku munsi we wa nyuma hano ku isi?**

Ku munsi we wa nyuma hano ku isi, Mariya yajyanywe mu ijuru n'umubiri we na roho ye, Umwana we Yezu amuha gusangira na we ikuzo rye iruhande rw'Imana Data.

**235 - Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya rikomeza rite ukwizera kwacu?**

Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya rikomeza ukwizera kwacu, kuko rihamya ko intungane zose zizakuzwa.



Scanned by CamScanner

## C. Nyagasani Yezu azaza mu ikuzo

*IJAMBO RY'IMANA: "Mu gihe tugitegereje ya mizero mahire hamwe n'ukwigaragaza kwa Yezu Kristu yisesuyeho ikuzo, We Mana yacu y'igihangange, akaba n'Umukiza wacu" (Tito, 2, 13).*

*"Amen, ngwino, Nyagasani Yezu!" (Hish 22, 20).*

*(Isubiramo)* **82. Mbese Nyagasani Yezu azagaruka?**



Nta gushidikanya! Nyagasani Yezu azaza mu ikuzo ku munsi w'imperuka kuzura abapfuye, no gucira urubanza abantu bose, maze intungane azinjize mu Bwami bwe.

**236 - Abazaba barakunze Imana na bagenzi babo Nyagasani Yezu azababwira iki?**

Abazaba barakunze Imana na bagenzi babo Nyagasani Yezu azababwira ati "Nimuze abashimwe na Data, mwakire Ubwami mwateguriwe kuva isi ikiremwa" *(Mt 25, 34).*

**237 - Igihe Yezu azaza mu ikuzo iyi si azayigira ate?**

Igihe azaza mu ikuzo, umurimo dushinzwe wo gutunganya isi azawuzuza, ayihindure nshya, maze Imana izabe byose muri bose! Amen! Alleluya!

# AMASENGESHO Y'IMINSI YOSE

## Amasengesho ya mu gitondo.

+ Ku izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, / Amen.

MANA YANJYE, / ndemera yuko uri hano undeba. / Ndagusenga ngukunze rwose. / Ndagushimira ko wandemye, / ukancunguza Umwana wawe ukunda, ukangira umukristu. / Ndagushimira inema uhora umpa; / n'uko wandinze muri iri joro. /

Nyagasani, / ngiyo roho yanjye, n'umubiri wanjye, ndakwihaye rwose. / Ibyo ndibutekereze, ndibuvuge, ndibukore, n'ibiri bumbabaze none / ndabiguhaye byose, mbisangishije ibyababaje Yezu Kristu Umwami wacu, / ngira ngo nkubahe, nange ibyaha. / Ntabwo ndibugucumureho uyu munsi, / ariko nagira inema yawe.

DAWE URI MU IJURU,/ izina ryawe ryubahwe; Ingoma yawe yogere hose; / icyo ushaka gikorwe munsi nk'uko gikorwa mu ijuru, / ifunguro ridutunga uriduhe none, / utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho; ntuduterérane mu bitwoshya; ahubwo udukize icyago. / Amen.

NDAKURAMUTSA MARIYA, / wuje inema; uhorana n'Imana; wahebuje abagore bose umugisha; na Yezu Umwana wabyaye arasingizwa. / Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, / urajye udusabira twe abanyabyaha, kuri ubu n'igihe tuzapfira. / Amen.

NEMERA IMANA DATA, / ushobora byose, waremye ijuru n'isi. / Nemera n'Umwana we w'Ikinege, Yezu Kristu, Umwami wacu, / wasamwe ku bwa Roho Mutagatifu, akabyarwa na Bikira Mariya, / akababara ku ngoma ya Ponsiyo Pilato, / akabambwa ku musaraba, agapfa, agahambwa, akamanukira mu irimbi, / ku munsi wa gatatu akazuka, / akajya mu ijuru,



Scanned by CamScanner

akaba yicaye iburyo bw'Imana Data ushobora byose, / ni ho azava aje gucira imanza abazima n'abapfuye. / Nemera na Roho Mutagatifu, / na Kiliziya Gatolika ntagatifu, n'urusange rw'Abatagatifu, / n'uko abanyabyaha babikizwa, / n'uko abantu bazazuka bakazabaho iteka. / Amen.

## ISENGESHO RYO KWEMERA

Mana yanjye, / nemera ibyo Kiliziya Gatolika yemera kandi yigisha; kuko yabibwiwe nawe utabasha kuyoba no kutuyobya.

## ISENGESHO RYO KWIZERA

Mana yanjye, / nizeye ko uzagirira Yezu Kristu, ukampa inema zawe munsi, / maze ninita ku mategeko yawe, ukazambeshaho iteka mu ijuru. / kuko wabidusezeranyije, kandi ukaba utica isezerano.

## ISENGESHO RYO GUKUNDA

Mana yanjye, / ndagukunda rwose, kuko nta we muhwanyije ubwiza, uhebuza byose gukundwa, kandi nkunda abandi uko nikunda ngiriye wowe.

## ISENGESHO RYO KWICUZA IBYAHA

Nyagasani, / ibyaha nakugiriye byose ndabyanze, kuko binteranya nawe, / bikadutandukanya ari wowe untunga ukandengera iteka; / kandi ndabyangira yuko byicishije Yezu Kristu Umwana wawe ukunda; / Dawe ubinkize, sinshaka kubisubira, / ndashaka kuba uwawe.

MALAYIKA nahawe n'Imana ngo undinde, / ujye unyumvisha iby'Imana, ungire inama, undengere, untegeke. / Amen.

BAZINA MUTAGATIFU, umpakirwe ku Mana, unsabire ndeke kuyicumuraho. / Amen.



Scanned by CamScanner

V. Malayika yasohoreje Imana ubutumwa kwa Mariya, /
R. Maze Mariya asamishwa na Roho Mutagatifu. /
Ndakuramutsa Mariya...
V. Dore ndi umuja w'Imana; /
R. Ibyo uvuze bingirirweho. /
Ndakuramutsa Mariya...
V. Nuko Jambo yigira umuntu; /
R. Abana natwe. /
Ndakuramutsa Mariya...
V. Mubyeyi Mutagatifu w'Imana urajye udusabira. /
R. Tubone guhabwa ibyo Yezu Kristu yadusezeranyije.

*Dusabe:* / Mana turagusaba, / roho zacu uzihe inema yawe, / kugira ngo ibyababaje Yezu Kristu n'umusaraba we, / bizaduhe kuzukana ikuzo nka we, / twe ababwiwe na Malayika yuko Umwana wawe yigize umuntu. / Ibyo turabigusaba ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. / Amen.

*Igihe cya Pasika bavuga:*

V. Mwamikazi wo mu ijuru wishime. / Alleluya.
R. Kuko uwo watorewe kubyara. / Alleluya.
V. Yazutse uko yari yabivuze. / Alleluya.
R. Urajye udusabira ku Mana. / Alleluya.
V. Ishime unezerwe Bikira Mariya. / Alleluya.
R. Kuko Umwami Yezu yazutse koko. / Alleluya.

*Dusabe:* / Mana, washatse ko izuka ry'Umwana wawe Yezu Kristu Umwami wacu rishimisha abantu, / turagusaba ngo ugirire Umubyeyi we Bikira Mariya, / uzaduhe kunezerwa iteka mu ijuru. / Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.



Scanned by CamScanner

BIKIRA MARIYA NYIR'IMPUHWE, / wibuke ko ntawigeze kumva ko washubije inyuma uwaguhungiyeho, / agutakambira ngo umurengere umusabire, / ni cyo gituma nkwizera. / Ndakugannye nkuganyira, umpagarareho, kuko ndi umunyabyaha. / Mubyeyi w'Umukiza, ntiwirengagize ibyo nkubwira, / ubyumve ubyiteho. / Amen.

## ISENGESHO RYO GUTURA UMUNSI

Mutima wa Yezu Mutagatifu rwose, / nisunze Umutima wa Bikira Mariya utagira inenge, / nkagutura amasengesho yanjye, / n'ibyo ndibukore, n'ibiri bumbabaze muri uyu munsi byose: / ngira ngo ntange icyiru cy'ibyaha byacu, / no kugira ngo nifatanye nawe, / mu mpamvu zituma witambira ubudatuza kuri alitari. / Cyane cyane mbiguturiye gusaba icyo Papa yifuza muri uku kwezi.

YEZU UGIRA UBUPFURA N'IMICO MYIZA, / dore mpfukamye imbere yawe, ndagusaba nkomeje cyane. / Mpera umutima kukwemera no kukwizera no kugukunda rwose; / umpe no kuzirana n'ibyaha nakugiriye, / no gukomeza inama yo kutazabisubira. / Iyo ntekereje ibikomere byawe uko ari bitanu / bintera agahinda, nkumva ngukunze cyane, / nkibuka n'ibyo wavuzweho na Dawudi umuhanuzi, / ati "Barebye ibiganza n'ibirenge byanjye baratobora, / amagufwa yanjye yose barabara."

MARIYA UTASAMANYWE ICYAHA, / urajye udusabira twe abaguhungiyeho.



Scanned by CamScanner

## Amasengesho ya nimugoroba

+ Ku izina / ry'Imana Data...

Mana yanjye, / ndemera yuko uri hano undeba. / Ndagusenga ngukunze rwose. / Ndagushimira yuko wandemye, / ukancunguza Umwana wawe ukunda ukangira umukristu. / Ndagushimira inema uhora umpa, / n'uko wandinze uyu munsi.

### Amategeko y'Imana

1. Urajye usenga Imana imwe gusa, uzabe ari yo ukunda gusa. /
2. Ntuzarahire izina ry'Imana mu busa cyangwa mu binyoma. /
3. Urajye utunganya umunsi w'Imana. /
4. Urajye wubaha ababyeyi bawe. /
5. Ntuzice. /
6. Ntuzasambane. /
7. Ntuzibe. /
8. Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi. /
9. Ntuzifuze umugore w'undi. /
10. Ntuzifuze kwiba cyangwa kwangiza iby'abandi./

### Amategeko ya Kiliziya *(Reba no ku rupapuro rwa 70-71)*

1. Urajye utunganya iminsi mikuru yategetswe na Kiliziya. /
2. Urajye uza mu Misa ku cyumweru no muri iyo minsi mikuru yategetswe. /
3. Urajye uhabwa Isakaramentu rya Penetensiya uko umwaka utashye. /
4. Urajye uhabwa Ukaristiya igihe cya Pasika. /
5. Urajye usiba mu minsi yategetswe. /
6. Urajye wibabaza nk'uko Kiliziya ibikubwiriza. /Mana yanjye umfashe nibuke ibyaha nakoze uyu munsi mbone ububyicuza.



Scanned by CamScanner

*Nimucyo twibuke ibyaha twakoze uyu munsi...*

**Isengesho ryo kwicuza ibyaha...**

***Dusabe:*** / Nyagasani, Nyir'impuhwe, / Kiliziya yawe uyihe ihirwe; / abo muri iki gihugu bose, n'abacu, abatugirira neza, / ndetse n'abatwanga, ubakize, / abadutegeka bose ubarinde. / Abanyarwanda batakuzi ubahe kukwemera; / abahakanye n'abanyabyaha bakuyoboke, / abatunganye ubakomeze, / abari mu rugendo ubasohoze ubuhoro, / aboro n'indushyi ubatunge; / abababaye n'abagiye gupfa ubakize; / maze roho ziri mu Purgatori uzicyure iwawe. / Nanjye undinde muri iri joro, / n'igihe nzapfira nzapfe nkwizera.

Dawe uri mu ijuru...
Ndakuramutsa Mariya...
Nemera Imana Data...
Isengesho ryo kwemera...
Isengesho ryo kwizera...
Isengesho ryo gukunda...
Indamutso ya Malayika...
Bikira Mariya Nyir'impuhwe, wibuke...

\+ Ku izina ry'Imana Data...

## ISENGESHO RYO KURYAMA

Mana yanjye, / ubu ngiye kuryama ndakwizigiye undinde muri iri joro, / noye kukugirira icyaha. /

Mariya, Mubikira Mutagatifu, / nawe Malayika Murinzi wanjye, na Bazina Mutagatifu, mundinde muri iri joro. Amen.



Scanned by CamScanner

# UBURYO BWO KUZIRIKANA AMIBUKIRO

## A. Amibukiro yo Kwishima

*Twibuke kandi tuzirikane ibyashimishije Bikira Mariya*

1. Gabriyeli Mutagatifu abwira Mariya ko azabyara Umwana w'Imana.

*Ishime wuzuye ubutoneshwe, Nyagasani ari kumwe nawe.*
*Ndagiririwe ibihuje n'ijambo ryawe (Lk 1, 28-38).*

Mubikira ukwiye gusingizwa, duhe kwakirana ukwemera ijambo ry'Imana no guhorana umutima wiyoroshya, uzaduhesha ubutoneshwe buturumbukamo imbuto z'umukiro. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.

2. Bikira Mariya ajya gusuhuza Elizabeti Mutagatifu.

*Wahawe umugisha mu bagore bose, kandi n'imbuto yo mu nda yawe arasingizwa.*

Mubikira ukwiye gusingizwa, duhe kujya dushyira abavandimwe bacu Kristu dufite ubwira mu rukundo n'umwete wuje ukwemera.

3. Yezu avukira i Betelehemu.

*Mariya abyara umuhungu w'imfura, amuzingazingiraho udutambaro maze amuryamisha mu kavure (Lk 2, 7).*

Mubikira ukwiye gusingizwa duhe umutima w'abakene, twakiriremo Kristu tumuhe urukundo rwacu rwose.

4. Yezu aturwa Imana mu Hekaru.

*Umunsi w'ubusukurwe bwabo bw'amategeko ya Musa umaze kugera, bamujyana i Yeruzalemu ngo bamuture Nyagasani (Lk 2, 22).*

Mubikira ukwiye gusingizwa, Mubyeyi wacu, duture natwe muri iyi si uzatwinjize mu ngoro ye y'ikuzo.

5. Yezu bamusanga mu Hekaru yigisha.

*Hashize iminsi itatu, bamusanga mu Hekaru yicaye hagati y'abahanga b'amategeko (Lk 2, 46).*

Mubikira ukwiye gusingizwa, uhe abashaka Yezu kumusanga muri Kiliziya Ntagatifu, kandi duhe guhora dushaka iteka kumusanga mu hekaru y'umutima wacu.



Scanned by CamScanner

## B. Amibukiro y'Ishavu

***Twibuke kandi tuzirikane ibyababaje Yezu, bigashavuza Bikira Mariya.***

1. Isamba rya Yezu mu murima w'imizeti.

*Roho yanjye ishavuye byo gupfa... Dawe ntibibe uko jyewe nshaka ahubwo uko wowe ushaka. (Mk 14, 33-36).*

Mubikira wababaye cyane, duhe ukwicuza gushyitse kw'ibyaha byacu no kwakirana urukundo icyo Imana idushakaho.

2. Ikubitwa rya Yezu.

*Nuko Pilato ategeka kujyana Yezu no kumukubita (Yh 19, 1).*

Mubikira wababaye cyane, duhe kwiyumanganya ibitubabaza tutinuba no kubamba kamere mbi y'umubiri wacu.

3. Itamirizwa ry'ikamba ry'amahwa.

*Abasirikare bamwambika ku mutwe ikamba babanze mu mahwa (Yh 19, 2).*

Mubikira wababaye cyane, uhe abahamya b'ukwemera ubutwari bwo kwakirana ibyishimo, ibitutsi n'ibitotezo bivanze n'ukubeshyerwa, bahowe izina rya Kristu, kuko igihembo cyabo kizaba cyinshi mu ijuru.

4. Yezu aheka umusaraba.

*Nuko Yezu agenda yikoreye umusaraba ubwe, yerekeza ahantu hitwa ku k'ibihanga, mu kiyahudi Golgota (Yh 19, 17).*

Mubyeyi wababaye cyane, duhe ubutwari bwo gutwara umusaraba wacu wa buri munsi dukurikiye Kristu, ngo dushobore guhongerera ibyaha byacu.

5. Yezu apfira ku musaraba.

*Dawe nshyize roho yanjye mu maboko yawe (Lk 23, 46).*

Mubikira wababaye cyane, koranyiriza abantu bose iruhande rw'igiti cy'umusaraba, ngo bahasorome imbuto z'umukiro kandi bunge ubumwe muri Yezu Kristu Umwami wacu.



Scanned by CamScanner

## C. Amibukiro y'Ikuzo

***Dutekereze ukuntu Yezu na Bikira Mariya bakujijwe.***

1. Yezu azuka.

*Murashaka Yezu wabambwe? Ntakiri hano kuko yazutse uko yari yarabivuze (Mt 28, 5-6).*

Mubikira ukwiye kubahwa, duhe guhorana ukwizera dutegereje amaza mu ikuzo y'Imana, Umwami wacu Yezu Kristu. Duhe kwemera dukomeje Kristu wazutse, n'inema yo kuba muri We tumubeshejwemo n'ubuzima bushya, kandi atari twe twibereyeho, ahubwo tubereyeho Imana.

2. Yezu asubira mu ijuru.

*Umwami wacu Yezu yasubiye iwe, intore ze zimureba.*

Mubikira wahunzwe ikuzo, duhorana ukwizera dutegereje amaza mu ikuzo y'Imana n'Umwami wacu Yezu Kristu.

3. Roho Mutagatifu amanukira ku Ntumwa.

*Muzahabwa ubushobozi bwa Roho Mutagatifu uzabamanukiraho, maze muzambere abahamya kugeza ku mipaka y'isi (Intu 1, 8).*

Mubikira uhunzwe ikuzo, dusabire Roho Mutagatifu akongeze imitima yacu urukundo rw'Imana, kandi ahe urwo rukundo gusakara ku bavandimwe bacu bose muri Yezu Kristu Umwami wacu.

4. Bikira Mariya ajyanwa mu ijuru.

*Ikimenyetso kigaragara mu ijuru: Umugore wambaye ikuzo, n'ukwezi munsi y'ibirenge bye (Hish 12, 1).*

Mubikira wakijijwe, wererejwe mu ijuru, mu mwijima wa hano ku isi, ujye utubera inyenyeri ituyobora kuri Kristu ikazanatubonesha ikuzo rye.

5. Bikira Mariya yimakazwa.

*Ku mutwe we hari ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebyiri (Hish 12, 1).*

Mubikira ukwiye gusingizwa, wambitswe ikamba ry'Imana ikakugira Umwamikazi w'isi, ha isi amahoro nyayo mu kuri, mu butabera no mu bwami bwa Yezu Kristu Umwami wacu.



Scanned by CamScanner

# ISHAKIRO

**Intangiriro**

| | Ikib. |
|---|---|
| 1. Inkuru Nziza y'Imana itugeraho | 1- 8 |

**IGICE CYA MBERE: IMANA IRATWIMENYESHA IKANADUHAMAGARA**

| | |
|---|---|
| 2. Imana ihoraho | 9-12 |
| 3. Yaremye ijuru n'isi | |
| A. Iremwa ry'ibiboneka | 13-17 |
| B. Iremwa ry'ibitaboneka | 18-21 |
| 4. Abantu bose bakeneye gucungurwa | 22-27 |
| 5. Imana itegura abantu kwakira Umwana wayo: Isezerano rya Kera: | 28-45 |
| 6. Umwana w'Imana yigira umuntu: Isezerano Rishya: | 46-57 |
| 7. Yezu Kristu yamamaza hose Ingoma y'Imana: | 58-70 |
| 8. Yezu adupfira akazukana ikuzo: | |
| A. Yabambwe ku Musaraba ari twe agirira, ku ngoma ya Ponsiyo Pilato ni ho yababaye, arapfa maze arahambwa... | 71-74 |
| B. Nuko ku munsi wa gatatu arazuka nk'uko byari byaranditswe. | 75-82 |
| 9. Roho Mutagatifu: | 83-86 |
| 10. Ubutatu Butagatifu: | 87-89 |
| 11. Kiliziya ni Umuryango mushya w'Imana: | 90-97 |
| 12. Umwanya n'imirimo by'abayoboke ba Kiliziya: | 98-113 |
| 13. Urusange rw'Abatagatifu: | 114-118 |




Scanned by CamScanner

## IGICE CYA KABIRI: KWITABIRA UMUGAMBI W'IMANA


14. Nimwisubireho maze mwemeze Inkuru Nziza: 119-124
15. Ubugingo bushya duherwa muri Yezu Kristu (Inema): 125-128
16. Kristu adutagatifurisha amasakaramentu ye: 129-132
17. Isakaramentu rya Batisimu: 133-136
18. Isakaramentu ry'Ugukomezwa: 137-138
19. Isakaramentu ry'Ukaristiya:
A. Uko Yezu yaremye Ukaristiya: 139-143
B. Uko Kiliziya itura Igitambo cy'Ukaristiya.
1) Misa ni uguhimbaza Ijambo ry'Imana no gutura Igitambo cy'Ukaristiya: 144-148
2) Misa, igitambo n'ifunguro: 149-154
20. Nimube intungane: 155-158
21. Imyifatire y'abana b'Imana (Amategeko 1-3)
A. Gusenga Imana no kuyikunda kuruta byose: 159-162
B. Isengesho ry'umukristu ry'umwihariko: 163-166
C. Isengesho rya Liturjiya: 167-169
D. Umunsi wa Nyagasani: 170-173
E. Umukristu n'imigenzo ya kera: 174-180
22. Kubana kivandimwe (Amategeko 4-10)
A. Gukunda mugenzi wawe: 181-183
B. Uko tugenzereza abo tubana (Itegeko rya 4): 184-185
C. Uko tugenzereza abategetsi n'igihugu (Itegeko rya 4) 186-188
D. Uko twubaha ubuzima bwacu n'ubw'abandi (Itegeko rya 5, 6 n'irya 9). 189-195
E. Uko dukoresha neza ibyo dutunze 196-198
(Itegeko rya 7 n'irya 10) 199-200
F. Kubaha ukuri (Itegeko rya 8) 201-202
23. Amategeko ya Kiliziya: 203-208
24. Icyaha: 209-212
25. Isakaramentu rya Penetensiya: 213-216
26. Isakaramentu ry'Ugusigwa kw'abarwayi: 217-223
27. Isakaramentu ry'Ugushyingirwa: 224-227
28. Isakaramentu ry'Ubusaserdoti:




Scanned by CamScanner

29. Kristu azegurira Se isi nshya:
A. Umukristu ahorana ukwizera: 228
B. Amaherezo y'umuntu: 229-235
C. Nyagasani Yezu azaza mu ikuzo: 236-237

## Amasengesho y'iminsi yose

*Ikimenyetso cy'umusaraba:* *ikib. 89*
*Dawe uri mu ijuru:* *nyuma y'ikib. 166*
*Ndakuramutsa Mariya:* *nyuma y'ikib. 47*
*Nemera Imana imwe:* *nyuma y'ikib. 120*
*Isengesho ryo kwemera:* *nyuma y'ikib. 156*
*Isengesho ryo kwizera:* *nyuma y'ikib. 156*
*Isengesho ryo gukunda:* *nyuma y'ikib. 156*
*Isengesho ryo kwicuza ibyaha:* *nyuma y'ikib. 208*
*Amategeko cumi y'Imana:* *nyuma y'ikib. 157*
*Amategeko ya Kiliziya:* *nyuma y'ikib. 202*



Scanned by CamScanner